# Ijwi Ry'Ikimenyetso

Denham Springs, Louisiana, USA

21 Werurwe 1964

1 ...tugume duhagarare mu mwanya runaka, mu Bwiza bw'Umwami. Dusome Ijambo Rye, mu Kuva, igice cya 4.

. . . Mose arayisubiza ati "Ariko ntibazanyemera, ntibazanyumvira kuko bazambwira bati 'Uwiteka ntiyakubonekeye.'"

Uwiteka aramusubiza ati "Icyo ufite mu ntoki ni iki?" Aramusubiza ati "Ni inkoni."

Aramubwira ati "Yijugunye hasi." Ayijugunya hasi ihinduka inzoka, Mose arayihunga.

Uwiteka aramubwira ati "Rambura ukuboko uyifate umurizo." Arambura ukuboko arayifata, irongera iba inkoni mu ntoki ze.

Uwiteka ati "Ni ukugira ngo bemere yuko Uwiteka Imana y'abasekuruza, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo, yakubonekeye."

Kandi Uwiteka aramubwira ati "Ishyire ikiganza mu gituza." Yishyira ikiganza mu gituza, agikuyemo kiza cyuzuyeho ibibembe, cyera nka shelegi.

Aramubwira ati "Cyisubize mu gituza." Acyisubiza mu gituza, agikuyemo kiza gihwanye n'undi mubiri wose.

Uwiteka ati "Kandi nibatakwemera ngo bemezwe n'ikimenyetso cya mbere, bazemera icya kabiri.

Kandi nibaramuka batemejwe n'ibyo bimenyetso byombi, ntibumvire amagambo yawe, uzavome amazi yo mu ruzi uyasuke imusozi, ayo mazi uvomye mu ruzi azahindukira amaraso imusozi."

2 Twubike umutwe ku bw'isengesho. Noneho, niba mufite ubusabe mushaka kumenyesha Umwami uyu mugoroba, muzamure ikiganza, noneho muvuge muti "Mwami, unyibuke ubu. Mfite icyo nkeneye."

Data wa twese wo mu Ijuru, turakwegereye, uyu mugoroba na none, tuzi ko twubitse umutwe ku mukungugu w'ubutaka twakuwemwo kandi ko, Utinze, tuzagaruka mu mukungugu. Ariko dufite ubwishingizi bufite umugisha bw'isezerano twaherewe muri Krisitu, rivuga ko Krisitu azagarukana n'abari mu Mana bose. Twe - turagushimira ku bw'iryo sezerano rihebuje. Kandi ndagusaba, o Mana, kwibuka buri muntu wazamuye ikiganza, n'icyanjye kandi kirazamuye, Mwami.

Ndagusaba uyu mugoroba, mu gihe iyi saha y'ukwizera irangiye, guha abantu, uyu mugoroba, ukwizera ku buryo Umwami Yesu ari buhinduke ugaragara kuri buri umwe muri twe ku buryo hatari buboneke umuntu n'umwe w'umunyantege nke muri twe nyuma y'uyu mugoroba. Tuma buri munyabyaha amenya ko ari mu Bwiza bw'Umwami Yesu, kandi noneho yihane ibyaha bye, aguhe umutima we, kandi yuzure Umwuka, muri aya masaha ya nyuma, aya masaha mabi, agaragara kuri twe nk'igicucu kinini gitwikiriye isi.

Turasaba, o Mana, Ubuyobozi bw'Imana, uyu mugoroba, ku bw'umuntu uri buvuge no ku bari bwumve. Reka Umwuka Wera uyobore iteraniro noneho kandi umanyagure Umutsima w'Ubugingo kuri buri umwe muri twe, bijyanye n'ibyo dukeneye, kuko tubisabye mu Izina Rye. Amina.

Mushobora kwicara.

3 Niringiye ko uyu mugoroba, turi bushobore kwereka abantu icyo twihatira kubereka: ari cyo gisobanuye mu by'ukuri kugira ukwizera mu Mana.

Noneho, ejo nyuma ya saa sita, saa munani n'igice, turi busengere abafite amakarita yo gusengerwa bose. Kandi kugira ngo tumenye neza ko nta muntu twibagiwe, ko bose bakiriye amakarita yo gusengerwa, tuyatanga buri mugoroba. Azayatanga na none ejo, ahagana. . . ndacyeka, ahagana saa saba n'igice cyangwa ikintu nk'icyo, neza mbere yo gutangira kw'iteraniro. Abifuza bose ko tubasengera, mwe cyangwa uwo ari we wese mu nshuti zanyu, baze bafate ikarita yo gusengerwa. Bari buhe ababishaka ikarita yo gusengerwa. Kandi tu. . .

4 Ndashaka gusengera abantu, kubarambikaho ibiganza kugira ngo mbasengere. Noneho, niba ukwizera kwanyu kudashobora kuzamuka mu Bwiza bw'Umwami Yesu kugira ngo mumwakire nk'Umukiza wanyu, kandi niba mwizera ko kubasengera tubarambitseho ibiganza byashobora kubafasha, noneho, turi aha kugira ngo dukore ibyo mwifuza byose.

Impamvu nabishyize nyuma, kandi nkaba nabisunitse, ni uko nashakaga ko abantu benshi bashoboka bagera ku rwego rwo gushyikira Imana kuri ibyo bintu. Kandi, ntidufite abantu benshi. Hari. . . Inyubako si nini, kandi rwose ntidufite abantu benshi. Dushobora kuzafata ejo nyuma ya saa sita kugira ngo dusengere abari aha bose, igicamunsi kizaba kigenewe ibyo, gusengera abarwayi.

Turi aha kugira ngo dukore ibyo dushobora byose kugira ngo tubafashe kugira ubuzima bwiza cyane, kugira ngo tworoshye umutwaro wanyu muri uru rugendo turi kunyuramo.

Ku bw'ibyo rero, inshuro yose umuntu yumvise ko - yemeye gusanga Umwami Yesu, igice cyose cy'umurimo cyaba kirimo kuba, muge muza ako kanya. Ntimuzategegereze ko dukora igikorwa cyo guhamagara ku gicaniro. Ntimuzategereza gutumirwa. Mujye muza ako kanya, mwemere Krisitu, mwigire imbere aho kandi mumuhamirize ako kanya. Kuko iyo ni yo ntego nyamukuru yo kuba turi aha, ni ukubona ubugingo bwinjira mu Bwami bw'Imana binyuze mu kuvuka.

5 Noneho rero, ejo, ni ku cyumweru; hazaba hari ishuli ryo ku cyumweru, amatorero. . . Impamvu dukora amateraniro yacu ku cyumweru nyuma ya saa sita, ni ukugira ngo tutabangamira umurimo runaka. Twizeye ko buri mukirisitu agomba kugira - itorero yiyumvamo nk'iwe, ateraniramo. Buri mukirisitu agomba guteranira ahantu runaka hamwe n'abizera. Kandi aho muteranira, ni aho urusengero rwanyu.

Noneho, iyo nza kuba ntuye aha, nari bube umuyoboke wa rimwe muri aya materaniro, aha, ahagarariwe n'aba bashumba bari aha, kandi bakorana. Kubera iki? Kubera ko bicaye aha, bicaye ku ruhimbi, kugira ngo babonwe n'abantu bose, bemeze ikiri kuba. Bizera ubwo bwoko bw'ubukozi: gukiza kw'Imana, umubatizo w'Umwuka Wera n'ibindi. Bari aha, babihamiriza. Ni bo bantumiye kuza aha, kugira ngo, wenda, ubukozi Umwami yampaye bushobore gufasha amateraniro yabo.

Noneho, ni uwo umushumba nyakuri: ashaka kungukira mu byo ashobora byose, mu buryo bw'umwuka, mu byo Imana ikora byose; ashaka, uko ashoboye kose, gufasha itorero rye mu gutera imbere mu Mana. Nzakurira ingofero yanjye nta gushidikanya umushumba nk'uwo mutangarira.

Kandi abo bantu bagombye kubikora mu ngorane, ndetse. Mushobora kubyizera, ni byo. Bagombye kubikora mu ngorane. Kandi nta gushidikanya ndashimira ku bw'abo bantu bakomeye b'Imana biteguye gufata umwanya, gufata inshingano zabo, bishingiye ku kwemera kwabo nyakuri, no kwizera. Imana ijye ibaha umugisha buri munsi!

6 Kandi ndahamya ko bazabagirira neza. Noneho, niba muri abanyamahanga aha, muzashake amatorero y'abo bene Data, aho ari. Muzabasure ejo. Bazaba bafite amateraniro adasanzwe. Kandi aha hari ababwirizabutumwa bazavuga mu nsengero zitandukanye, nk'uko byatangajwe. Rwose ejo muzabe muhari.

Noneho nyuma, ejo nyuma ya saa sita, niba mushaka kuza mu iteraniro ryo gusoza, nta gushidikanya tuzishimira kubana namwe. Amatorero yose, amadini yose, ni ku muntu wese. Umuntu wese ahawe ikaze: abametodisiti, abatisita, abaperesebiteriyene, abapantekote, Itorero rya Krisitu (Eglise de Christ), Itorero ry'Imana (Eglise de Dieu), abagatolika, Abayuda b'aba orthodoxies (Juifs orthodoxes), abatemera Imana, icyo mwaba muri cyo cyose. Turi. . . muratumiwe. "Muzavuga muti 'Abatemera Imana' Yego, yego.

Niba umutemera Imana ashaka kuza mu iteraniro, kwicara kandi akitwara mu buryo bukwiriye, nawe ahawe ikaze nk'undi wese. Neza. Ikintu runaka. . . Ni ku bw'ibyo tumushaka aha, ni ukugira ngo ikintu runaka gikorwe, cyamufasha kubona ikosa rye no gusanga Umwami.

Kuko nta gushidikanye ko twe. . .

7 Ni bangahe bamaze gusoma inkuru y'iyerekwa rito yasohowe n'ikinyamakuru cy'Abantu bakora Umurirmo wa Gikirisitu (magazine d'Hommes d'Affaires Chretiens), kandi ndatekereza ko ibindi binya-. . . ku kureba hakurya ya rido y'ibihe? Noneho, ibyo ni ukuri, nshuti. Ntimushobora kwemera kubihomba. Nahindutse umuntu utandukanye kuva icyo gihe. Nzi ko ari ukuri. Noneho, niringiye ko nta muntu muri twe uzahomba iryo Juru rihebuje Imana ibikiye abizera. Nimuhomba, ni iki muzaba mwarigiye aha ku isi? Mu by'ukuri, ntimuzi igihe mugomba kuzavira muri iyi si. Ariko muzi ikintu kimwe gusa: nta gushindikanye mugomba kuzayisiga. Niba noneho ibyo ari ukuri, ntituzaba turi abantu b'abapfapfa cyane tugerageza kugira rwose nka. . . Ntidushobora kwemera kugira ingorane nk'izo. Murabona? Mwibuke noneho rwose, mwizere Ijambo ry'Imana na buri sezerano ry'Ibyo.

8 Noneho mubitekerezeho, ni iki giteza buri burwayi, buri gahinda, buri rupfu, buri bibazo, buri mubabaro, ubumuga bwo kugenda bw'uwo mwana muto, n'ibyo bintu byose, abacumbagira, impumyi, na buri bitaro bigomba kubakwa? Ni ukubera ko umuntu umwe gusa yashidikanyije rwose igice gito cy'Ijambo. Ni Eva. Satani muri make yabisize k'ubwe. Si ukubivuga, ahubwo kubisiga k'ubwe, avuga ati "Mu by'ukuri. . . Umwami ni mwiza cyane."

Mwumva babivuga cyane uyu munsi, ko Imana ari Imana nziza. Ni Imana nziza, ariko mwibuke, Ni Imana ifite kwera, Imana idashobora gutuma icyaha kinyuraho. Ikiguzi cyarishyuwe ku bw'ibyo, kandi ni ngombwa kubyemera bijyanye n'uko Ibishaka. Kandi, mwibuke, Ni Imana igira umujinya, Imana igira umujinya waka. Kandi muzahagarara imbere y'Imana ifite umujinya, si imbere rwose y'Imana igira ubuntu n'imbabazi. Uyu mugoroba, Ni Umukiza wanyu. Ariko uwo munsi, Izaba Umucamanza wanyu. Mugire gihamya rwose yo kutagira ikintu na kimwe kitumvikanye, nshuti. Ibyo - ibyo ntibijyenda. . . Ntibihemba. Ntimujyeyo mutomboza. Mugire gihamya, mube mubihamya ubwikube, kuko ntizongera kugira undi

mwanya. Uyu ni wo mwanya wanyu wonyine, mu gihe mukiri hano ku isi.

9 Mwibuke umugabo w'umukire na Lazaro. Hagati Ye namwe hari umworera munini utarigeze usimbukwa n'umuntu n'umwe kandi utazigera usimbukwa n'umuntu n'umwe. Murabona? Ku rupfu rwanyu - rwanyu, byose biri mu mwanya. Nzi ko abantu batekereza ko bashobora kubagarura aho hantu binyuze mu isengesho, ariko ntimuzigere mubyizera. Bitandukanye n'Ijambo ry'Imana. Murabona? "Igiti kigwa ahantu gihengamiye." Kandi Yesu Ubwe yaravuze ati "Hari umworera munini, ku buryo, iyo umuntu yapfaga noneho akajya ikuzimu, ntashobora - na rimwe! - kujya mu Ijuru. Nta muntu wigeze abyambuka kandi ntazanabyambuka." Ikibazo cyagiye mu mwanya kuri njye. Kuva igihe Yesu yavuze ko byari ibyo, ni ko bimeze.

Mubyibuke rwose, umwanya ni uyu kuri mwe. Kandi uyu mugoroba ushobora kuba amahirwe yanyu ya nyuma.

10 Mushobora noneho kumva ibiri kuba? Iyaba gusa mwashoboraga kubibona! Niringiye ko, nk'uko ndikuvuga gutyo, ntimuzatekereze ko nshaka kubakururira kureba umuntu, cyangwa kwizera umuntu. Si cyo nkora, nshuti. Ndagerageza kubasunikira kwizera Uwo duhagaze imbere ubu, Yesu Krisitu, Imana ndetse izabacira urubanza uwo munsi; Iri aha, yigaragaza imbere yanyu, ikintu ndetse Yasezeranyije gusohoza muri iyi minsi ya nyuma.

Ndatekereza ko mwene Data Price, iki gitondo, yatanze ubusobanuro bwiza mu gihe cy'ifunguro rya mu gitondo ku bijyanye no kugera mu nguni imwe hanyuma no kuyihindura. Mwabikunze? Nta gushidikanya. Byari biri mu mwanya neza cyane. Noneho, mwibuke noneho, inshuro nyinshi tuba turi mu nguni, ariko twibuke ko bidukwiye guhindura izo nguni. Nabwirije kuri ibyo inshuro imwe, nabyise: Amahuriro. Tugera mu ihuriro. Inshuro nyinshi cyane, tugomba gufata icyerekezo runaka n'ibyerekezo bitandukanye.

11 Noneho, uyu mugoroba, mu gihe cy'iminota runaka ikurikira, ndashaka kuvuga ku nsanganyamatsiko yitwa: Ijwi ry'Ikimenyetso. Noneho ubu, igikorwa cyacu kiratangirira mu Gitabo cyo Kuva; kandi Kuva bisobanura gusohoka, kujyanwa hanze. Noneho, mugerageze kumva ndetse mwitonze mu buryo bushoboka.

Ndashaka inshuro imwe kubabwiriza, muri abantu beza, ariko mu by'ukuri simfite ijwi. Ryamaze rwose kugira ikibazo, kandi nzi ko bizagenda. Ngomba gufata ikiruhuko noneho, mu gihe hafi cy'iminsi umunani cyangwa icumi, mbere yo gutangira uruhererekane rw'amateranira rutaha. Murabona? Rwose si uru ruhererekane rw'amateraniro, aha. Haba hari amateraniro umunsi ku munsi, buri cyumweru, buri kwezi, buri mwaka. Murabona? Kandi mushobora kuboneka.

Kandi mutekereze ku nshuro zose, buri mwaka; nta na rimwe Yigeze ivuga ikintu kitabaye ukuri nyakuri kandi kuzuye; mu ndimi zose, mu isi yose, inshuro zirindwi. Murabona? Nta muntu, ahantu na hamwe, ushobora kuvuga ko Ibyo byigeze bibura kuba ukuri buri nshuro, neza ku kintu runaka. Iyo Ivuze ko ikintu runaka kizaba, kiba neza nk'uko kiri.

Ibyo byatangajwe mu byumweru, mu mezi n'imyaka ndetse mbere yuko biba, kandi biba buri gihe neza mu gihe runaka. Nta na rimwe inshuro imwe Ibyo byigeze bitsindwa, kandi Ibyo ntibizigera bitsindwa, kuko ni Imana. Ariko, njyewe, nshobora gutsindwa nk'umuntu. Ntimuzigere na rimwe mumfata nk'intangarugero, kuko rwose meze nka mwe, rwose umunyabyaha wakijijwe n'ubuntu. Ariko Ibyo, ni Imana, Ikidasanzwe, yigaragaza. Ntitegetswe kubikora, ariko Yasezeranyije kubikora.

12 Yesu yakizaga kugira ngo bisohoze Ijambo. Yakoraga ibyo bintu kugira ngo Ijambo ry'Imana risohore.

Ni ku bw'ibyo Ibikora uyu munsi, ni ukugira ngo Ijambo nabazaniye buri mugoroba risohore.

Noneho, murebe noneho, iyo Ubwiza Bwayo bwegereje, Ibyo - Ibyo bibyutsa amarangamutima nta gushidikanya. Nk'uko nabivuze iki gitondo, ikitagira amarangamutima cyose cyarapfuye. Kandi imisengere yose itagira amarangamutima, mwaba mugize neza muyihambye. Yarapfuye. Ibyo bibyutsa amarangamutima. Biduha ubuzima. Ariko nyuma yuko duhawe ubuzima, twibuke icyaduhaye ubuzima. Ni iki cyabikoze? Ni Ubwiza bw'Umwuka Wera, Yesu Krisitu hagati yacu, yigaragaza ko ari muzima. Si umubiri ugaragara; muri icyo gihe ubwo umubiri ugaragara uzagaruka uturutse mu Ijuru, nta gihe kizaba kigihari. Ni ibyo. Kandi tuzi ko turi mu. . . ko turi mu minsi ya nyuma, ubwo ibyo bintu bigomba kuba.

Noneho, Imana yagize ibikorwa bijyanye no kuva kera. Hari. . .

13 Hamwe n'Imana, byose bigenda ari bitatu. Imana yuzura muri gatatu. Kuza kwa mbere kwa Krisitu, byari ku bwo gucungura Umugeni We; Kuza kwa Kabiri kwa Krisitu, ni ku bwo kwakira Umugeni We; Kuza kwa Gatatu kwa Krisitu, hamwe n'Umugeni We, ni kuba mu Kinyagihumbi. Byose bigenda muri gatatu.

Noneho, habayeho, hazabaho gusohoka mu buryo butatu. Bumwe muri bwo, Imana yabinjijije mu nkuge ku bwo gusohoka, kugenda hejuru y'ubutaka. Inshuro ikurikira, Imana yabasohoye muri Egiputa.

Kandi inshuro ikurikira, Imana izabazamura. Kwinjira, gusohoka, kuzamuka! Gusohoka gukurikiye, bizaba kuzamuka. Turi kuri kimwe ubu, igihe cyo kuzamuka.

14 Ubuzima bugira ikintu kimwe. Twinjira mu buzima, dusohoka mu buzima, tuzuka ku bw'ubuzima, neza ikintu kimwe. Turi rwose...

Igikorwa cyacu uyu mugoroba kiratangirira ku kuva, kandi Imana yendaga kuzana ishyanga Ryayo. Israel ni ishyanga. Imana ntikorana na Israel nk'umuntu ku giti cye. Israel ni ishyanga, igihe cyose Yakoranye na bo. No mu minsi ya nyuma, nyuma yo kugenda kw'itorero, noneho Imana izakiza Israel nk'igihugu. Iri mu gihugu cyayo ubu, yiteguye kuri ibyo. Kandi bazakizwa. Bibiliya iravuga iti “Ishyanga rizavuka umunsi umwe.” Imana ntikorana n'Abayuda nk'abantu ku giti cyabo. Ikorana na bo nk'igihugu, Israel, buri nshuro, kubera ko ari ishyanga Ryayo.

Kandi aha, Yiteguye gusohora ishyanga Ryayo mu gihugu, mu kuva, kubikira ubwoko Bwayo urubanza.

15 Ndetse n'amazi yarengeye isi yarokoye Nowa. Murabona? Ndetse n'Umwuka Wera abantu banga uyu munsi uzakira Itorero kandi uzarizamura, kandi uzazana urubanza kubera ko batabyizeye. Ni cyo Yesu yavuze.

Igihe bamwitaga Belezebule mu yandi magambo, ko Yari umuntu uvuga ibyo kwiyemera, ba. . .

Yaravuze ati “Nzababarira ku bw'ibyo”, Umwana w'umuntu. Igitambo nticyari cyagatambwe. “Ariko igihe Umwuka Wera uzaza gukora ikintu kimwe, ijambo rimwe gusa rirwanya Ibyo ntirizigera ribabarirwa byaba muri iki kinyejana, cyangwa mu kinyejana kizaza.” Ibyo bigomba kwangwa (kujugunywa), noneho nyuma urubanza ruzakubita, nyuma y'ibyo. Murabona, ikibazo ni uko twe. . .

16 Ibyo binyibutsa amateka nasomye inshuro imwe ku bijyanye n'umumarine wavaga ku nyanja n'umusizi w'umwongereza wajyagayo. Noneho ubwo, uwo musizi yanditse cyane ku bijyanye n'inyanja, ariko ntiyari yarigeze ayibona; ni ukuvuga ngo yari mu nzira agana aho. Noneho uwo musaza w'umumarine aramuvugisha, inkono ye y'itabi ku munwa, avuga ati “Urajya he, wa munyembaraga we?”

Undi yaravuze ati “Ngiye ku nyanja.” Aravuga ati “Sinigeze nyibona. Nanditse ku bijyanye n'ibyo, n'ibyo abandi bavuze, ariko, ni ko yavuze, yoo! mfite ibyishimo byinshi kumenya ko negereye inyanja.” Yaravuze ati “Yoo! Guhumurirwa n'amazi yayo yuzuye umunyu! Kureba ibirokoroko(umuhengeri) by'umweru uzamuka ku gasongero kayo n'ijuru ry'ubururu riri hejuru yayo! Kumva amajwi y'ibisiga mu gihe biguruka hejuru yayo! Yoo! Nsazwe n'ibyishimo mu gutekereza kubibona!”

Uwo musaza w'umumarine yaravuze ati “Navukiye aho hashize imyaka mirongo itandatu, nta kintu mpabona kiza cyane.” Murabona, yari yarabibonye ku buryo byari byarabaye ibintu bisanzwe kuri we.

Noneho, icyo ni cyo kibazo cy'Itorero rya pantekote uyu munsi. Ryabonye Imana cyane ku buryo Imana yahindutse ikintu gisanzwe kuri ryo. Ntimuzatume ibyo bigera aho.

17 Nta gihe kirekire gishize, i Louisville, muri Kentucky. . . Ni ku rundi ruhande rw'umugezi, aho nturuka, Jeffersonville, muri Indiana. Umudamu yazengurukaga mu isoko yiruka. Kandi yari. . . yari ateruye umwana muto w'umuhungu mu biganza kandi yajyaga ku makontwari noneho agahinduka nk'umusazi. Yafataga ikintu, akacyereka umwana muto w'umuhungu; uwo mwana yagumaga gusa kwicara, ahanze amaso. Yajyaga ku yindi kontwari, agafata ikindi kintu, akacyereka uwo mwana w'umuhungu muto, uwo mwana yabihangagaga amaso. Noneho nyuma gato, yafashe inzogera noneho atangira kuyivuza, kandi uwo muhungu muto yagumye guhanga amaso. Noneho, yatangiye gusakuza, yazamuye ibiganza. Noneho abantu, mu isoko, baramwitegerezaga; noneho baramwegera; kugira ngo bamubaze ikitaragendaga.

Yaravuze ati “Mfite. . . Umuhungu wanjye muto, ni ko yavuze, afite imyaka itatu gusa.” Na none yaravuze ati “Na. . . Muri ako kanya, kuva hafi umwaka umwe, atangiye kujya aguma yicaye, ntacyo areba.” Yaravuze ati “Namujyanye kwa muganga, ni ko yavuze, kandi muganga yatanze uburyo bwo kumuvura runaka n'ibindi byose.” Kandi yaravuze ati “Na muganga yambwiye uyu munsi ko yarameze neza. Ariko, ni ko yavuze, ntameze neza.” Yaravuze ati “Nanyeganyije ibintu byose imbere ye, ibyagombaga gukurura umuhungu muto wo mu kigero cye. Icyashoboraga guteza amatsiko umwana muto w'umuhungu w'ikigero cye, nakinyeganyije imbere ye, yagumye kwicara gusa, areba ubusa.” Aravuga ati “Ntameze neza.”

Ni nk'Itorero rya pantekote. Imana yanyeganyije buri mpano ya Bibiliya imbere yabo, nyamara baguma buri gihe kwicara, bareba ubusa, neza nkaho hari ikintu kitagenda. Ni igihe cyo gukanguka, nshuti zanjye, mbere yuko biba impitagihe. Mwibuke, Imana ntinyeganyeza izo mpano atari ukugira ngo ibakangure.

Imana yasohoraga igihugu mu gihugu.

18 Neza ni nk'ibyo Ikora uyu munsi, Izasohora Umugeni mu itorero, ireke imbuto isigaye y'umugore.

Izasohora Abatoranyijwe b'itorero. Itorero risanzwe rizasigara aha mu mubabaro. Iyo Ntore rimwe na rimwe yitwa uwatoranyijwe, intore, n'ibindi bisigaye.

Turebe ukuntu Yabikoze muri icyo gihe, kuko Ntijya ihindura na rimwe uburyo Bwayo bwo gukora ibintu. Imana ifite uburyo bwo gukora ibintu, kandi ni ubwo buryo Ikoresha, kandi buri gihe ni uburyo bwiza. Murebe ukuntu Yabikoze, n'uko Yabigenje, noneho ubwo turi bushobore kubona uko bimeze uyu munsi.

19 Ndi umuntu ugendera ku ngero, nta gushidikanya. Sinize. Ngomba kureba mu gihe cyashize kugira ngo ndebe icyo yakoze. Kandi twamenye ko Isezerano rya Kera ryari igicucu cy'ibintu bizaza. Ni ukuvuga ngo, ndebye aha, niba ntarigeze mbona ikiganza cyanjye noneho nkabona igicucu cy'ikiganza cyanjye, kandi nkaba mfite intoki eshanu, nagira igitekerezo cyiza, igihe ikiganza cyanjye kizagaragara aho, ku bijyanye n'uko mfite intoki eshanu. Ni ukuvuga ngo, ibyababayeho byari ingero ku buryo Imana ikora ibintu, uburyo ibikora uyu munsi.

N'uburyo Ibikora, Ntijya ibuhindura na rimwe. Buri nshuro, muri Bibiliya, Ntijya ihindura na rimwe uburyo Bwayo bwo gukora ibintu. Mu buryo buhoraho ni ikintu kimwe, kubera ko uburyo Bwayo bwa mbere bwo kubikora buruzuye. Mu by'ukuri, Ntiyashoboraga kugira ubundi buryo, kubera ko Yuzuye, kandi Yo, inzira Zayo zose ziruzuye. Mwitegereze ukuntu Yabikoze.

20 Mose yarahamagawe kandi atoranyirizwa gusohoza uwo murimo yasohoje, yari - yari yarakiriye. Imana. . .

Noneho, ndatekereza, nimubinyemerera. . . Simvuga ibi mu buryo butatekerejweho. Ndavuga gusa, kuri uru ruhimbi, ko nta kintu nzi kandi ko nta kindi nzashaka kumenya uretse Imana. Noneho, ndatekereza ko ari aho bene Data bacu b'Imvura y'igihe cya nyuma byababacangiye mu mutwe, murebe; birambikaho ibiganza noneho bakiyita abahanuzi n'ibindi byose. Noneho, ntibijyanye n'ibyanditswe "Impano n'umuhamagaro ntibyicuzwa." Muvuka muri icyo muri cyo. Bigitangira, muri icyo muri cyo.

Mwitegereze abo bafarisayo ba kera. Bari bafite rwose umucyo muke. Mu by'ukuri, bashoboraga. . . bari bafite amategeko, kandi babagaho bakurikije amategeko, ariko imbere mu mutima wabo, byari umwijima mu buryo bushoboka.

21 Kandi hari umugore muto, indaya, ubuzima bwayo bwa mbere, aha, hari umwijima mu buryo bushoboka; yari afite imyitwarire mibi, ariko imbere mu mutima we, yari yaragenewe Ubugingo.

Noneho ubwo, igihe Yesu, Ijambo, yatangiraga gukora, abo bafarisayo baravuze bati "Uyu Muntu ni Belezebule." Ibyo byakoze iki? Ibyo byahinduye umwijima umucyo muke bari bafite.

Yesu yaravuze ati "Mufite so Satani, kandi ni imirimo ye mukora."

Ariko igihe uwo mugore muto w'imyitwarire mibi yazaga, yabonye Ijambo ry'Imana, yarabimenye. Ntiyari abayeho ubuzima bujyanye n'Ibyo, ariko yarabimenye. Kandi igihe Ibyo byamuvugishaga, yaravuze ati "Ndabona ko Uri Umuhanuzi." Kandi Ya. . . Yaravuze ati "Nzi ko ari cyo Mesiya azakora."

Noneho Yaravuze ati "Ndi We."

Ibyo byakoze iki? Ibyo byakuyeho kwijima kose kandi bihindura ibintu byose umweru. Kubera iki? Imbuto yari ihishe aho, imbuto yatoranyijwe mbere yari mu. . . Byari igitekerezo cy'Imana mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro.

22 Hari ishusho imwe gusa y'Ubugingo Buhoraho. Niba mufite Ubugingo Buhoraho, ni uko mwe ubwanyu, mwahoze mu gitekerezo cy'Imana mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro. Muri umusaruro w'igitekerezo Cyayo; mu by'ukuri, icy'iteka ntikigeze kigira itangiriro cyangwa ntigishobora na rimwe kugira iherezo. Mwahoze muri igice cy'umutungo w'Imana. Ibyo icyo bikora ni ukwigaragaza. Ibyo biragaragara ubu. Dufite indi foto yo kwerekana, ni urupfu; noneho, ikiri negatifu gihinduka pozitifu; muri noneho mu Mugeni kandi hamwe na Krisitu, nk'uko Yari yarabitekereje. Kimwe n'uko umugabo n'umugore bari uyu munsi, ni gutyo Imana. . . Krisitu n'Itorero bizaba bisa. Noneho, abatoranyijwe, abahamagawe!

Mose yavutse ari umwana mwiza. Ni cyo Bibiliya ivuga.

Umwe mu bahanuzi, Yeremiya, Imana yaramubwiye iti "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."

Yohana Mubatiza, noneho, yerekanywe mu Byanditswe. Yesaya, imyaka magana arindwi na cumi n'ibiri mbere yo kuza kwe, yaravuze ati "Ni ijwi ry'urangururira mu butayu, 'Mutunganye inzira y'Umwami!'"

23 Kandi hafi imyaka magana ane mbere yo kubonaka kwe, turabona na none ko Malaki yavuze ati "Dore, nzatuma integuza yanjye, izambanziriza intunganyirize inzira."

Murabona, yari yarabigenewe. Ndetse ni ko bimeze kuri iyo mirimo yose y'Imana, niba barahamagawe

n'Imana. Muzakora amasezerano kugira ngo mwifatanye n'idini cyangwa agatsiko. Ariko niba bivuye ku Mana, muzahagarara kuri iryo Jambo, uko byagenda kose, kubera ko mwavukiye guhagarara kuri Iryo.

Niba barayifashe binyuze mu kwiga, aho, ni umusirikare w'umunyantege nke, murabona, nta kintu biri cyo. Niba ari ifunguro ryiza, noneho, mugurisha uburenganzira bwanyu bw'imfura ku bw'ifunguro ryiza,

Mose, nta wundi washoboraga gufata umwanya we. Nta wundi washoboraga gukora umurimo. Ni we wari waratoranyirijwe kubikora.

Noneho, bene Data, mushiki wacu, niba mufite Ubugingo Buhoraho, ni uko mwari mwaragenewe gukora ikintu runaka. Wenda kuba umugore mwiza, wenda ikindi kintu, ariko nta muntu ushobora gufata umwanya wanyu. Imana yabahaye umwanya. Ntimuzatinyuke gufata umwanya w'undi muntu. Aho, ni ukwigana by'umubiri, murabona; ibyo byerekana ko hari ikintu runaka gipfuye muri mwe. Ariko mube icyo muri cyo, neza cyane. Ntimuzabe ikindi kintu.

24 Noneho, turabona rwose ko Imana yahaye Mose ibimenyetso kugira ngo ihamirize ibyo avuga n'umurimo we.

Kandi buri kimenyetso cy'ukuri, buri kimenyetso cy'ukuri cy'Imana, i. . . kigira ijwi inyuma yacyo. Noneho, ntimubihombe. Iri ni isoma ryanjye rya nyuma kuri ibyo, murabona. Buri kimenyetso cy'ukuri. . . Nyamara, dufite ibimenyetso bidaturuka ku Mana; Satani ashobora mu by'ukuri kwigana ibibaho byose. Ariko ikimenyetso cy'ukuri cyoherejwe n'Imana kigira Ijwi ry'Imana inyuma yacyo.

Imana yabwiye Mose iti "Nibatizera ku ijwi ry'ikimenyetso cya mbere, noneho uzakore iki kimenyetso kindi imbere yabo. Noneho nyuma, nibatabyumva, uzafate gusa amazi, uyamene hasi." Kandi byari ikimenyetso ko bazacubizwa mu maraso yabo bwite.

Murebe, neza ni cyo Yavuze iti "muzazunguze umukungugu w'ibirenge byanyu. Sodomu na Gomora bizafatwa mu buryo bworoheje kuri uwo munsi kurusha uyu mujyi ubajugunye."

25 Noneho, ntituri gukora idini. Ibi ni Itorero. Krisitu ni Itorero. Turi muri Krisitu. Umubiri udasanzwe wa Krisitu, tuwinjiramo binyuze mu kuvuka. Ntitwifatanya nawo.

Ndi mu muryango wa Branham kuva mu by'ukuri mu myaka mirongo itanu n'itanu, kandi nta na rimwe bansabye kwifatanya nawo. Navutse ndi Branham.

Kandi ni gutyo muri umukirisitu. Muvuka muri umukirisitu, ntimuhinduka umukirisitu binyuze mu kwifatanya. Mumuhinduka binyuze mu kuvuka. Umuntu wese agira ubwoba bwo kuvuka. Dufite uburyo bwiza bw'umwimerere bwo gufata ikiganza gito, cyangwa bwo gusinya ikarita ntoya, icupa bashyiramo umunyu ryuzuye amazi. Ibi si ukuvuka. Kuvuka ni ikintu giteye ubwoba. Kuvuka ni - ni ikintu giteye ubwoba cyane. Nta kintu bimbwiye cyane ko kwaba kwabereye aho bororera ingurube, cyangwa mu - cyangwa mu kiraro, cyangwa mu cyumba cyo kwa muganga gitatse amabara y'iroza, kuvuka biguma kuba ibintu biteye ubwoba, kandi bibagira umwanda. Ntimushaka kubireka, ntimushaka ibi, ibyo cyangwa ibindi, ariko amarira azakuraho ibintu byose mwisize mu maso hanyu kandi azabahindura umuntu utandukanye. Nimuvuka ubwa kabiri, ibyo bizabahindura umwanda, ariko muzahinduka icyaremwa gishya. Murabona? Ntitubishaka. Turashaka inzira yoroshye, murazi, kandi nta nzira zoroshye zihari. Nk'uko indirimbo ibivuga iti "Nzafata inzira hamwe n'abantu runaka basuzuguritse bakurikiye Umwami." Ntashaka kuba igiti kibyara.

Buri kimenyetso cy'ukuri cy'Imana gikurikirwa n'Ijwi ry'Imana.

26 Noneho, iyo umuntu atanze ikimenyetso ahantu runaka, cyangwa igihe runaka, noneho ijwi ryumvikanye nyuma y'ibyo akaba atari Ijambo ry'Imana, noneho mwitondere ibi, ntimuzabyizere. Niba ishuli runaka rishaje, niba umuntu ahagurutse noneho akavuga ati. . . agasohoza ikimenyetso kivuye ku Mana, noneho nyuma, inyigisho y'uwo muntu, ni tewolojiya imwe ishaje twagize kuva muri iyo myaka yose, Imana ntiyigeze yohereza icyo kimenyetso. Musuzume Ibyanditswe noneho murebe niba ari ko byari bimeze. Mugenzure Ibyanditswe. Umuhungu araza noneho aravuga ati "Noneho, twese dukwiye kwifatanya n'ibi. Ibi, ni gahunda ya kera yashyizweho." Ntimuzabyizere. Tujyiye gutangira ibyo, rwose mu minota runaka, murabona. Oya, ntimuzabyizere.

Imana ihamiriza buri gihe ibimenyetso Byayo. Ikimenyetso kivuye ku Mana cyumvikanisha buri gihe Ijwi ry'Imana.

Kandi niba ari ishuli rimwe rya kera twagize, kubera iki Yatanga ikimenyetso? Mwamaze kuhagera! Irashaka kubakandira muri iyo nguni. Muhagarare! Muhagarare! Murebe aho mujya! Muzikubita hasi mu nguni nimutitonnda. Ku ikorose ryose ryavuzwe, haba hari igihe cyose ikimenyetso mbere yo gufata iryo korose, kugira ngo mwirinde impanuka. Umwubatsi mwiza w'umuhanda atanga ibimenyetso. Kandi turi kwiruka umuhanda ujya mu Bwiza. Kandi niba ikimenyetso kivuga ko ya nkuru ya kera isa, ibyo ntibiva ku Mana.

Imana itanga ibimenyetso kugira ngo ikurure ubwoko Bwayo. Ibimenyetso bigenewe gukurura ubwoko bw'Imana; ni cyo ibimenyetso by'Imana bikora. Ibimenyetso by'Imana byagenewe gukurura ubwoko bw'Imana.

27 Noneho, aha, igihuru cyaka cyari ikimenyetso kugira ngo gikurure umuhanuzi, kugerageza, kuko umuhanuzi yari yarahungiye kure Imana, kandi Imana yatanze igihuru cyaka nk'ikimenyetso. Kandi yabonye icyo kimenyetso kidasanzwe; yaravuze ati "Ngiye guhindukira kugira ngo ndebe icyo icyo kimenyetso kidasanzwe ari cyo, igihuru cyaka umuriro kidashira." Aho, Imana yakururaga umuhanuzi Wayo wahunze. Yashoboraga gufata undi muntu, ariko Yari yaratoranyije Mose kuri uwo murimo kandi nta wundi muntu wagombaga gufata umwanya we.

Mu gihe cy'urugendo, abandi bantu runaka bagerageje kubikora, murabizi. Datani yarahagurutse kandi yashakaga kubikora idini. Imana yabwiye Mose iti "Itandukanye. Ngiye gusa kubamira." Murabona?

Imana ikorana n'umuntu umwe. Murabona? Murebe rwose ibi, Yageragezaga gukurura umuhanuzi, kuzana umuhanuzi mu mwanya we, murabona; kandi Yatanze ikimeyetso cy'igihuru cyaka umuriro.

Noneho, mukurikire, ijwi ryakurikiye ikimenyetso ryari Ijwi rijyanye n'ibyanditswe "Numvise gutaka k'ubwoko Bwanjye n'iminiho yabwo, abatware b'imirimo y'ingufu babakoresha, kandi Numvise isezerano Ryanjye." Amina. Byagiye mu mwanya. "Ndibuka isezerano." Byari Ijwi rijyanye n'ibyanditswe. "Kandi Ndagutumye. Namanutse kugira ngo mbabohore, kandi ndagutumye."

28 Mwibuke, Imana nta kintu ikora nta muntu. Murabizi? Ni cyo gisitaza abantu. Murabona?

Ni cyo cyabashitaje ku bijyanye na Yesu. Baravugaga bati "Wowe Umuntu, Wigira Imana." Yari Imana, ariko ntibashoboraga kubyumva. "Noneho, Wowe Umuntu gusa."

Yaravuze ati "Noneho, mwita abahanuzi imana, kandi amategeko yanyu yarabyemeraga. Noneho niba mwita Imana abo Ijambo ry'Imana rizaho, kubera iki munciraho iteka igihe Mvuze ko Ndi Umwana w'Imana?"

Murabona, ibimenyetso, kugira ngo ibakurure. Kandi, mwibuke, iyo habayeho gukurura, kandi akaba ari inkubiri imwe ya kera, si Imana.

Ariko Imana irashaka gukurura umuhanuzi aho, Imuhaye ikimenyetso, noneho ijwi ryakurikiye ikimenyetso ryari Ijwi rijyanye n'Ibyanditswe. "Nabonye ubwoko. Numvise uko gutaka. Nibutse isezerano Ryanjye."

29 Noneho, Imana izavuga bijyanye n'Ijambo Ryayo ryasezeranyijwe. Igomba kohereza umuhanuzi Wayo, kuko Ijambo riza ku muhanuzi. Bibiliya iravuga iti, Imana Ubwayo ivuga ko nta kintu Ikora itabihishuriye abagaragu Bayo abahanuzi. Murabona? Noneho ubwo, ikimenyetso cyaratanzwe. Ibyanditswe byaragaragajwe, iki ni cyo Ijwi ry'ikimenyetso.

Murabona Ijwi ry'ikimenyetso kuri Mose? Bwa mbere, ikimenyetso, byari igihuru cyaka umuriro; Ijwi, ryari Ibyanditswe.

Mose yabifashe nk'ikimenyetso Cyayo, yamanutse muri Egiputa, yasobanukiwe ikimenyetso Imana yamuhaye, kandi ikimenyetso cyari gifite ijwi inyuma yacyo; abantu barizeye kandi barasohotse. Kandi igihe cyose bagendaga, byari byiza; ariko igihe batangiranga kwijujutira Ijwi, noneho barahagaze.

30 Mwibuke, Israel yaragendaga. Muzi intera yose bari bamaze kugenda? Baba barashoboye kuba. . . Bari bafite gusa mayilo mirongo ine [km 64], ibyo byababafashe hafi imyaka mirongo ine kugira ngo bazigende. Kubera iki? Ni ukubera ko batangiye kwijujutira Ijwi ryagaragaje ikimenyetso. Bari bazi bike, igihe batakiraga aho ku nkombe, ko babyinnye mu Mwuka na Mose yaririmbyi mu Mwuka, ku buryo bari basigaranye gusa iminsi runaka y'urugendo. Ariko batangiye kwijujuta, bashakaga gukora ikintu runaka gitandukanye; noneho, bagumye imyaka mirongo ine mu butayu kandi bararimbutse kubera ibyo (ni byo), kubera ko batari barizeye. Imana yaravuze iti "Si wowe barwanya, Mose; ni Njye barwanya." Ryari Ijwi ry'Imana, si irya Mose.

31 Noneho, mukurikire. Yehova azavugisha Ijambo Rye ryasezeranyijwe, kandi Agomba gutuma abahanuzi Be. Mu by'ukuri, niba mushaka kubireba, ni mu Itangiriro 15.16. Turabona ko Imana yabwiye Aburahamu iti "Abagukomakaho bazaba abanyamahanga mu gihugu kitazaba icyabo, Nzabasohora aho n'ikiganza gikomeye. Gukiranirwa kw'Abamore kutaruzura." Ku bw'ayo masezerano yose yatanze, dore Ikuruye umuhanuzi n'igihuru cyaka umuriro.

Nyamara, niba igihuru cyaka umuriro cyaravuze kiti "Mose, Imana ni Imana."

"Yego, ndabyizera."

"Yoo! Ukoze neza, Mose, komeza gusa. Washatse umugore mwiza; ni umwana mwiza; nta

gushidikanya ko wabyaye umuhungu mwiza! Icyubahiro kibe icy'Imana!" Ibi, ni ishuli rimwe rya kera. Murabona?

Ariko Yendaga gukora ikintu runaka; ndetse Yakuruye umuntu. Kandi Yahaye uwo muntu ibimmenyetso bibiri byo gusohoza, imubwira iti "Buri kimenyetso kigira ijwi." Biririma. Mukurikire rwose icyo ayo majwi yavuze, ndetse n'ibiremwa. Yehova yari yiteguye kuvuga noneho.

32 Kimwe nuko, kuza k'umuhanuzi ari ikimenyetso. Mwari mubizi? Kuza k'umuhanuzi mu gisekuru ni ikimenyetso.

Noneho, sinshaka kuvuga umudogiteri muri tewolojiya. Sinshaka kuvuga umushumba w'indakemwa, w'umuntu mwiza. Ni beza. Ni abagaragu b'Imana. Ariko umuhanuzi ni ikimenyetso. Bibiliya irabivuga aha. Noneho ni ikimenyetso cy'iki? Ni ikimenyetso ko Ijambo Ryayo ryenda gusohora, gusohozwa n'ijwi ry'ikimenyetso cy'uwo muhanuzi.

Murebe, kuza k'umuhanuzi ni ikimenyetso kiburira ku bw'urubanza rwenda kuba. Mwari mubizi? Urubanza rurenda gukubita niba umuhanuzi ari mu gihugu.

Mwibuke, bigomba nta gushidikanya, mbere na mbere, guhamirizwa n'Imana ku bw'uwo munsi, nyuma, igasohoza ikimenyetso. Noneho ubwo, mukurikire icyo kimenyetso, ibyo giteganya. Yaravuze iti "Ibyo nibisohora, noneho, muzabyumve." Kubara 12.6. "Ibyo nibidasohora, muzabyibagirwe." Bigomba kuba ikimenyetso kijyanye n'ibyanditswe Itanga.

Kandi icyo Itanga nk'ikimenyetso rimwe, niba uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, Itanga igihe cyose kimwe. "Ijambo ry'Umwami ryaje ku bahanuzi." Bari Ijambo. Kandi igihe Yesu yazaga, Yari Ijambo. Kandi Ijambo ryagenzuraga ibitekerezo n'ibyo umutima wibwira, ubudacogora, mu buryo buhoraho. Mukurikire noneho.

Kuza k'uwo muhanuzi gutanga ikimenyetso cy'uko urubanza rwegereje, buri nshuro.

33 Duhagarare rwose iminota runaka. Sindibufate igihe kinini. Tugenzure ibintu runaka ubu, mu gihe hafi cy'iminota icumi, n'ubundi butumwa busigaye, ahubwo, mu gihe cy'iminota icumi.

Nowa, umuhanuzi ku gihugu. . . mu gihugu, ni ikimenyetso cy'urubanza rw'igihe kizaza. Mose, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cy'urubanza rw'igihe kizaza. Eliya, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cy'urubanza rw'igihe kizaza. Yohana, umuhanuzi mu gihugu, ikimenyetso cy'urubanza rw'igihe kizaza kuri Israel; bakuweho mu buryo bwuzuye.

Murebe, ikimenyetso! Ikimenyetso gikora iki? Ikimenyetso kigenewe gukurura no gutegura abatoranyijwe, kubasohora mu nzira mbere yuko urubanza rukubita. Ni cyo Nowa yakoze, yateguye abatoranyijwe. Abandi, ni iki ibyo bikora? Ikimenyetso, n'ijwi ry'ikimenyetso, biciraho iteka abatizera kandi bikabategura ku bw'urubanza. Ibyo bitegurira abatoranyijwe kurokoka. Iyo ni yo ntego y'ikimenyetso. Ni ku bw'ibyo ibimenyetso byatanzwe, ni ku bw'urubanza rw'igihe kizaza. Ku bw'abatoranyijwe, barakibona.

34 Ni nk'uko umugore muto ufite umutema umenetse n'umubiri wanduye; noneho umufarisayo ufite umubiri wera n'umutima wanduye. Ibyo byaciriyeho iteka umwe kandi bikiza undi.

Kandi n'imanza ubwazo zakijije Mose zaciriyeho iteka isi; ikibwiriza cye. Ibyo byateguye abatoranyijwe. Bitegurira abatoranyijwe iki? Iyo babonye ikimenyetso cyoherejwe n'Imana, bagenzura Ibyanditswe kugira ngo barebe niba ari byo bigomba kuba Bihari "Yego, ni ko bimeze." Ni iki? Urubanza rutegereje. Noneho, abatoranyijwe bumva Ijwi.

Ariko abataratoranyijwe barirengagiza kandi bakavuga bati "Ni ibintu bitumvikana. Mugende! Tuzakurikira rya shuli rimwe rya kera." Murabona? Ni cyo bakoze mu gihe cya Luther. Ni cyo bakoze mu gihe cya Wesley. Ni cyo ba - bakora uyu munsi; ni cyo bagiye bakora igihe cyose.

Ariko ni ikimenyetso, kandi kigira ijwi rigikurikira. Kandi ijwi risobanurwa nk'Ijwi rijyanye n'ibyanditswe. Noneho, ntimuzabyibagirwe. Rwose muzabirinde igihe cyose, kubera ko nshobora kutigera nongera kubabona. Nakwifuza kubona uburyo bwo gushobora kuza aha no gushyira hamwe bene Data bose igihe badafite ububyutse buri kuba, gushinga ihema, kuguma aho muri make umunsi ku munsi no kwigisha ibyo kugeza - kugeza ibyo byinjiye mu by'ukuri. Ariko Ntizabireka, simbitekereza. Murabona, twegereye cyane imperuka. Ndatekereza ko ndetse turi ku iherezo.

35 Mu gitabo cyanjye, aho nandikaga, igitondo kimwe, mu 1933, nendaga kujya mu ishuli ryo ku cyumweru, ishuli ryo ku cyumweru mu batisita, aho nari mbereye umushumba; Umwuka Wera waraje noneho unyereka, kugeza ku iherezo ry'igihe, wanyeretse ibintu birindwi bizaba. Narabyanditse. Biri kuri urwo rupapuro rushaje rw'umuhondo.

Wambwiye neza ukuntu Ubudage buzubaka uwo murongo witwa Siegfried, ukuntu Abanyamerika bazahahurira n'intsinzwi iteye agahinda, imyaka cumi n'umwe mbere yuko - uwo murongo wubakwa.

Wavuze ukuntu Mussoline azahaguruka, ukuntu azajya muri Ethiopia, n'ukuntu Ethiopia izagwa ku birenge bye. Kandi n'ukuntu azapfa urupfu ruteye isoni, ukuntu azahirikwa n'ukuntu ubwoko bwe bwite buzamuciraho iteka.

Kandi naravuze nti "Hari inkubiri eshatu (ismes): Inkubiri ya gikominisiti, fascism na nazisme. Kandi zose zizarangirira, m Burusiya, muri kominisime. Kandi ibyo bizasenya imyizerere ya gatolika." Murebe niba ibyo bitazasohora.

Naravuze nti "Iterambera rikomeye rizaba!" Naravuze nti "Ndabona imodoka zifite ishusho y'igi zigenda mu muhanda." Hari amavatire yanyuraga mu mihanda, hamwe n'uburyo bwo kuziyobora ku buryo batagombaga kuziyobora. Nabonye umuryango w'umunyamerika urimo gukina umukino wa (echec), inyuma mu ivatire. Iyo modoka irahari ubu ndetse, niba gusa dufite imihanda yo kuzishyiraho. Imodoka ntoya Volkswagen ni igi ryuzuye, neza cyane, kandi hari ubundi bwoko bw'ivatire. Mushobora gushushanya ishusho y'amavatiri yo mu 1933 mugereranyije n'ay'ubu?

36 Noneho ubwo, byavuzwe ko bazemerera abagore gutora, n'icyo bazakora. N'ukuntu icyo gihugu, ikigereranyo cya Israel yagiye mu gihugu, yirukanye abari bahatuye noneho igafata igihugu. Kandi abami ba mbere bagize, Dawidi na Salomon, bari abami batinyaga Imana. Nyuma gato, babonye Ahabu ategeka. Baramutoye. Uwanyuma aza. . . Itorero ryahindutse iry'isi. Kandi twabonye Lincoln na Washington. Mwitegereze ikiri kuba uyu munsi. Murebe aho tujya uyu munsi. Ikintu gitahiwe ni ikihe? Turi mu gihe cy'imperuka.

Kandi ni ikimenyetso, mu mubiri (mu bisanzwe), Neza. Ibyo bitegura abatoranyijwe kandi bigaciraho iteka umutizera bimushyira mu rubanza. Niba uwo muhanuzi ari umuhanuzi w'ukuri kandi n'icyo avuga kigasohora, Bibiliya iravuga mu Kubara 12.6 iti "Mwumve umuburo we, kuko birasobanura ko atari umuntu." Umuhanuzi ni umuntu. Ariko Ijwi ry'ikimenyetso kidasanzwe, ni Ijwi rijyanye n'ibyanditswe, byarahamirijwe, ni ukuvuga ko ari imbuzi.

Bibiliya yanditswe n'abahanuzi, mwibuke. Muri 2 Petero 1.21. Ndetse no mu Baheburayo 1.1.

37 Inkingi y'Umuriro kuri Mose, yari ikimenyetso ko Ijwi ryagombaga kuvuga. Inkingi y'Umuriro yerekanaga ko Ijwi ryagombaga kuvuga. Ni ikimenyetso, Inkingi y'Umuriro. Mwakagombye kubyibuka i Houston, nta gihe kirekire gishize.

Mose, umuhanuzi, ikimenyetso kuri Israel, ko isezerano ryendaga gusohora. Igihe Mose yazaga, agasohoza ikimenyetso cy'umuhanuzi, bamenyeye aho ko azabateranyiriza hamwe.

Mbega ukuntu Ijambo ry'Imana ryuzuye, muri gahunda, igihe cyose ni rimwe! Nk'uko nabivugaga ejo hashize nimugoroba, Urimu na Tumimu n'ibindi byose, ibyo igihe cyose biba ku Mana.

38 Dufate na none umuhanuzi, rwose akanya gato, Yona. Nari nanditse igice cya mbere cya Yona aha, igice cya 1 aha, ku buhanuzi bwe. Yona asohoka mu nda y'igifi, byari ikimenyetso. Murabona, abo bantu bari abapagani. Baramyaga imana y'inyanja, kandi imana yabo y'inyanja yari igifi kinini.

Nyamara, abantu benshi bashaka guciraho iteka Yona igihe cyose nagiye ku ruhande rwa Yona. Yona ntiyari hanze y'ubushake bw'Imana. "Intambwe z'abakiranutsi zitegekwa n'Uwiteka." Dukunda kuvuga tuti "Ni Yona." Ariko tubirebe ku. . . Ibyo biragoye ku nshuro imwe. Nzi ko yagombaga kujya i Ninive, ariko Imana yatumye afata ubwato bw'i Tarushishi. Noneho Iteza ibibazo mu nyanja.

Yona yaravuze ati "Mumbohe ibiganza n'ibirenge. Ni njyewe uri mu bibazo, ni njyewe wabiteje." Baramujugunye. Noneho ifi yoga mu mazi, ifi nini, imira Yona.

Nzi ko ku bijyanye n'ubumenyi, biragoye kubyizera.

39 Nta gihe kirekire gishize, i Lousville, muri Kentucky, kuva ibyo bibaye hashize hafi imyaka icumi, urufi (baleine) rwari ruri mu modoka. Kandi aho hari Ricky muto, n'ubwenge bwinshi cyane ku buryo atari azi ukuntu yayiyobora. Yageragezaga kwerekana ko Bibiliya ivuga ibinyoma. Yaravugaga ati "Murazi, mwumvise uwo mugani wa kera wa Bibiliya, uvuga ko urufi rwamize Yona." Yaravuze ati "Murebe, ntitunashobora kunyuza umupira mu muhogo w'iki gifi, ni hato cyane. Ni gute umuntu mukuru yashoboraga kwinjira mu nda yacyo?" Yaravuze ati "Murabona, byari umugani gusa ushaje, nk'uko Bibiliya yuzuye imigani."

Byari birenze cyane kuri njye. Naravuze nti "Mugabo, ndashaka kuvuga ikintu kuri ibyo."

Yaravuze ati "Ni iki mufite cyo kuvuga?"

Naravuze nti "Murabona, ntimwasomye neza Bibiliya." Naravuze nti "Bibiliya ivuga ko yari ifi idasanzwe. 'Imana yateguye igifi kinini.' Ibyo byari bifite imiremere idasanzwe, kugira ngo imumire, ni cyo cyayifashije kubikora! Ntiyari ifi isanzwe. Imana yagombaga gukora umurimo utamenyerewe, kandi Yari ifite ifi itamenyerewe." Murabona? Nta kintu kindi yongeye kuvuga kuri ibyo. Ni ukuvuga ngo, ibyo. . .

Imana yari ifite ikintu kidasanzwe.

40 Ni nk'uko, inshuro imwe, agakobwa gato kavaga ku gicaniro, umusatsi wako warebaga inyuma, utunganyije neza ku buryo mu maso he hato hasaga nk'igitunguru gihase. Yari afite Bibiliya, amanuka.

Uwo muntu ushaje, Jim Dorsey, yari atuye muri Utica. Yari umutizera, umusirikare wa kera, kandi ntiyizeraga Imana. Noneho, yaravuze ati "Ni he ujyiye, mugore muto?"

Aravuga ati "Ngiye mu rugo, mugabo."

Aravuga ati "Ni iki ufite mu maboko?"

Aravuga ati "Ni Bibiliya."

Aravuga ati "Ntubyizera, si byo?" Noneho ya. . .

Yaravuze ati "Oya, ndabyizera, mugabo."

Noneho aravuga ati "Wizera iyo nkuru, aho imbere, ijyanye n'urufi rwamize Yona?"

Yaravuze ati "Noneho, nta gushidikanya, nizera buri Jambo ry'Ibyo."

Yaravuze ati "Ni gute uzabyerekana udakoresheje ukwizera, icyo mwita ukwizera?"

"Noneho, ni ko yavuze, igihe nzagera mu Ijuru, nzabaza ikibazo Yona." Murabona?

Yaravuze ati "Noneho abaye atariyo?"

Uwo mudamu muto aravuga ati "Noneho, ni wowe ugomba kuzabimubaza." Nibwiye rwose ko byabaye byiza, mu buryo bwihuse. Ndatekereza rwose ko mu by'ukuri ari ibyo.

Bibiliya ivuze ko Yona yamize igifi, nabyizera. Yashoboraga kubitegura. Icyo Imana yavuze, Imana ishobora kugisohoza kandi Irinda buri gihe Ijambo Ryayo. Ni ukuvuga ko, Yona, tumunegura. . .

41 Ariko mwigeze mubona ifi iri koga? Ishaka ibyokurya byayo. Noneho nyuma, nyuma yo kurya, imanuka imbere noneho ikaruhutsa amababa yayo imbere. Mugaburire amafi yanyu y'umutuku, noneho mwitegereze ikiba. Zuzuza inda yazo ntoya, nyuma zakamanuka noneho zakaruhutsa amababa yazo imbere mu nyanja. Noneho zikirambika aho noneho bikagenda neza.

Noneho, icyo gifi kinini cyateguwe cyaraje noneho kimira uwo muhanuzi. Yamanutse imbere mu nyanja, wenda kuri metero 60 z'ubujyakuzimu aho. Yamanutse aho kure, kugira ngo aruhukire imbere mu nyanja.

42 Noneho, dutekereza buri gihe kuri Yona; kandi umuntu wese aravuga ati "Noneho, baransengeye, ariko ikiganza cyanjye ntikigenda neza. Baransengeye, ariko ndumva ntameze neza." Ntimwikome rwose Yona.

Mwitegereze rwose ibimenyetso yari afite. Noneho, bwa mbere, yari aho ku nyanja yibirinduye. Kandi yahinduye inzira Imana yari yamutumyemo. Ibirenge bye n'ibiganza bye byari biboshye. Yari yajugunnye mu nyanja yuzuye umuraba, ifite umujinya, noneho igifi kinini kiramumira noneho kimanuka uwo mwanya hasi mu nyanja. Yona yari yicaye aho mu birutsi, imbere mu nda y'igifi kinini, n'ibimera byo mu mazi byazengurukaga ijosi rye. Ubwo areba mu cyerekezo runaka, byari mu nda y'urufi runini. Yarebye mu kindi cyerekezo runaka, byari mu nda y'ifi ibyibushye. Aho yarebaga hose, byari mu nda y'igifi kinini. Muravuga ikibazo cy'ibimenyetso, yashoboye kubigira. Ariko muzi icyo yavuze "Ni ibyifuzo by'ibinyoma. Sinzongera kubireba, ariko na none indi nshuro, nzareba urusengero Rwawe rwera." Kuko Salomo, umuntu usanzwe wo ku isi, asenga mu gihe cyo gutura urusengero Imana, yaravuze ati "Uwiteka, niba ubwoko Bwawe buri mu ngorane ahantu runaka noneho bugahindukira bukareba aha hantu hera, uzabubabarire rwose Uri hejuru mu Ijuru"

43 Na Yona yari afite ukwizera mu isengesho Salomo yatanze. Noneho Imana imubohora igifi kinini nyuma y'iminsi itatu n'amajoro atatu. Wenda Yashyize umwuka wa oxygen aho hasi (Sinzi icyo Yakoze), ariko Yamurindiye mu buzima mu gihe cy'iminsi itatu n'amajoro atatu, nk'uko Ijambo ribivuga. Kandi Ijambo ni ukuri.

Noneho, niba Yona, mu bibazo bimwe, yarashoboye guhindukira akareba igicaniro umuntu yubatse, ni kangahe mwebwe nanjye twakagombye uyu mugoroba kureba Urusengero aho Yesu ari iburyo bw'Icyubahiro cy'Imana, hamwe n'Amaraso Ye, atuvuganira ashingiye ku kwatura kwacu, ku bw'ibimenyetso byacu bito! Ntimucireho iteka Yona, ahubwo murebe rwose ikitagenda kuri mwe. Murebe isezerano. "Imana yarabivuze!" Niba muri abana ba Aburahamu "Imana yarabivuze!" Yatanze isezerano, kandi byaratunganye.

44 Murebe, bose bari aho barimo kuroba, bakurura inshundura zabo n'ibindi byose. Nyuma gato, imana

y'inyanja, igifi kinini, cyaraje, kinaga ku nkombe. Umuntu wese yikubise hasi apfukamye. Imana izi ukuntu ibigenza. Noneho ubwo yajyiye ku nkombe noneho isohora ururimi rwayo, noneho ubwo, umuhanuzi yasohotse uwo mwanya mu kanwa k'igifi kinini. Umuhanuzi! Imana yaciriye umuhanuzi ku nkombe. Ntibitangaje ko bihannye. Murabona?

Byari ikimenyetso. Yona kurukwa n'Igifi kinini byari ikimenyetso. Ni iki yakoze? Cyari ikimenyetso kivuye ku Mana. Ni iki Ijwi ryavugaga? "Mwihane, niba atari ibyo muzarimbuka mu minsi mirongo ine." Ikimenyetso cy'Imana; Ijwi ry'Imana! Buri nshuro Imana yohereje ikimenyetso, Yohereza Ijwi Ryayo nyuma y'icyo kimenyetso. Murebe "Mwihane niba atari ibyo, mu minsi mirongo ine, uyu mujyi wose uzarimbuka."

45 Kuboneka k'umuhanuzi Yohana ku isi, nyuma y'imyaka magana ane ishize nta muhanuzi, ikimenyetso, nyuma y'imyaka magana ane, abonetse. Icyo gihe gito cy'ikiruhuko.

Nyamara, niba muri abanyamwuka, muzumva ibyo mvuga. Imana ibafungure kumva kwanyu. Mbega igihe byamaze!

Imyaka magana ane, Israel nta muhanuzi yari ifite, amatorero yari mu bibazo cyane, noneho nyuma, ubwo Yohana aza mu murimo. Yohana yari umuhanuzi, ikimenyetso ko Mesiya yagombaga kuvuga nyuma ye. Mu by'ukuri, Malaki 3 haravuga hati "Dore Nzatuma integuza yanjye izambanziriza intunganyirize inzira, itegure ubwoko."

Murebe Yohana, nta kwikunda kwari kuri muri we. Ntiyigeze na rimwe yiha icyubahiro. Abantu bashatse kumwita Mesiya, ariko yaravuze iti "Sinkwiriye gupfundura imishumi y'inkweto Ze."

Ariko igihe Yesu Yazaga, Yari afite ikimenyetso, Inkingi y'Umuriro, Umucyo hejuru Ye, nk'inuma imanuka n'Ijwi rivuga ngo "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda cyane nkamwishimira."

Murebe, noneho ako kanya Yohana aravuga ati "Agomba gukura, nanjye, ngombwa guca bugufi." Yeretse Itorero Krisitu. Amina.

46 Yatubwiye ko, mu minsi ya nyuma, ibyo bizisubiramo! Hazavugwa Ubutumwa buzagaragaza Mesiya mu bantu. Kandi bizaba ku buryo bazaguma kuba abatumva nka kera. Yarabisezeranyije. Igice gikurikira cya Matayo. . . cya Malaki, kirabitubwira. Mukurikire.

Babajije ibibazo kuri ibyo. Kamere ya Yohana yamuhuzaga n'Umwuka wa Eliya. Murebe noneho abahanuzi babiri.

Noneho, Eliya yari umuntu wahagurutse mu gihe cy'ibibazo by'uruvangikirane muri Israel.

Ahabu yari umwami. Abagore bose biganaga Yezebeli, kandi nta gushidikanya bari bafite inyogosho ziteje ibibazo n'ibindi byose, nta gushidikanya nk'uko tubifite uyu munsi. Bose bakurikiraga Yezabeli. Kandi abashumba baratekerezaga bati "Ni byiza cyane. Mubarekere umutuzo. Mubareke babikore."

Kandi muri icyo gihe, Imana yahagurukije umuntu witwa Eliya mu butayu. Ntitunazi aho yaturukaga. Nta shuli na rimwe yakomokagamo. Ariko yaraje, iciraho iteka ibyo bintu byose. Aciraho iteka iyo mikorere yose. Aje mu murimo uyu munsi, yaciraho iteka na bwo imikorere yacu yose. Yaciriyeho iteka buri Yezabeli. Kandi, byarangiye, ari we uciye intege umuhanuzi. Yahunze nka Yohana; yihisha munsi y'igiti cyitwa umurotemu mu gihe Yezabeli yamushakaga ngo amwice. Yaramwangaga.

47 Noneho nyuma, turabona ko igihe Yohana yazaga mu butayu (indi nshuro, inshuti y'ubutayu) afite Ubutamwa bw'ako kanya ku bagore bajyanye n'igihe kigezweho babagaho baratandukanye n'abagabo babo, barongowe kandi bakongera bakarongorwa, yashwanyaguje icyo kintu. Nta shuli na rimwe yavagamo. Yaturukaga ku Mana, umuntu watumwe n'Imana. Kandi yaciriyeho iteka abagore bajyana n'ibigezweho, yarabarwanyije cyane, ntiyigeze agira na kimwe arokora. Ariko yaravuze mu buryo bugaragara ati "Igihe kiregereje, Mesiya agiye kuvuga." Mubirebe.

Noneho, mugereranye igihe cyo kuza kwa mbere kwa Eliya hamwe n'abo bahanuzi bagezweho b'uyu munsi, bareka ba Yezabele babo bakiyogoshesha imisatsi, bakambara amakabutura, bakanwa itabi, bagakora icyo bashaka cyose; ni bo babayobora. Byaba byiza atagize icyo avuga, niba atari ibyo azamusiga kandi afate undi. Babayoboresha amahame yashyizweho n'abantu (biteye isoni), inyigisho z'abantu. Kandi, mu kubikora, amategeko y'Imana bayahindura ayadafite imbaraga. Mu by'ukuri, bashobora kuba abanyamuryango b'itorero kandi bagahamya buri gihe ko ari abakirisitu kazi, bagahesha agaciro uburenganzira bwabo kandi bakavuga ko ari abakirisitu kazi, kandi bagakomeza imbere. Ni cyo bashaka. Ni cyo bakoze kera.

Ariko, mwibuke, ni mu gihe kimwe Imana yasezeranyije, muri Malaki, gusohoza indi nshuro Ijambo. Ni byo. Murebe aho turi uyu munsi, neza ni nko mu gihe cya Yohana, neza nko mu bindi bihe.

48 Murebe uwo Amosi muto utangaje ahaguruka, umugabo muto utangaje. Ntituzi aho yaturukaga. Yari

umushumba. Imana yamukuye mu rwuri rw'intama n'urwuri rw'inka noneho Iramwigisha. Kandi igihe yajyaga muri Samariya, igihe yazamukaga, akurira uwo musozi uwo munsi, yarebye hasi. Kandi izuba ryakaga ku mutwe we w'uruhara n'ubwanwa bwe bwo ku munwa bw'imvi, n'amaso ye yari yarongeye arafatana kandi aramurika. Amaso ye y'umuntu wera yarahumbyaga. Atari ukubera impamvu y'ibikorwa abakerarugendo babonaga binjira, kubera ko umujyi wari wariyeguriye icyaha.

Uwo muntu utazwi ni muntu ki? Yego, ni Amosi, umuhanuzi. Yahanuye mu gihe cya Yorobowamu II, umwami w'umupagani, warekaga abantu bagokora ikintu icyo ari cyo cyose. Abatambyi rwose barabyemeraga. Bari barubatse insengero nziza cyane. Bari bafite imyambaro myiza. Abagore babo bari barataye umuco. Bambaraga uko bashakaga. Abakerarugendo bazaga ku bwinshi baje kureba abakobwa beza n'imyitwarire yabo.

Rwose imikorere ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, zakagombye kuba ubwoko bw'Imana. Nta muntu ugira icyo avuga kuri ibyo. Bimeze nk'aho batwaza igitugu abantu. Mirongo ita-. . . Imyaka cumi n'umunani rwose uyu munsi! Rebeka wanjye afite imyaka cumi n'umunani uyu munsi. Imyaka cumi n'umunani, nazengurutse iki gihugu, nciraho iteka ibyo bintu. Kandi iyo ngarutse, buri mwaka, haba hari abagore benshi bafite imisatsi yogoshe kurusha abari bahari igihe natangiraga.

49 Umubwirizabutumwa ukomeye kandi w'icyamamare w'umupantekote yanjyanye mu cyumba hashize hafi umwaka umwe, umuntu mwiza, uzwi cyane, uzwi ku isi yose. Yavuze ko na. . . "Mwene Data Branham, mundeke mbarambikeho ibiganza kandi mbasengere."

Naravuze nti "Sindwaye."

Yaravuze ati "Ariko hari ikintu kitagenda neza." Yaravuze ati "Mwene Data Branham, muzasenya ubukozi bwanyu. Nta muntu muzafatanya. Ntibitangaje ko ababwirizabutumwa badakorana namwe. Ni ukubera uburyo bwanyu bwo guciraho iteka abo bagore." Yaravuze ati "Abo bantu babafata nk'umuhanuzi."

Naravuze nti "Sinigeze mvuga ko ndi we."

Yaravuze ati "Ariko bo bizera ko muri we." Yaravuze ati "Nanjye ni cyo nemera." Yaravuze ati "Mwahamagariwe gusengera abarwayi." Yaravuze ati "Gusengera abarwayi, no kureka abo bagore bakagira amahoro. Murabakomeretsa."

Naravuze nti "Gute?"

Yaravuze ati "Muvuga imisatsi yogoshe bagira n'ibindi."

Naravuze nti "Birapfuye."

Bibiliya iravuga iti "Umugore wiyogoshesha umusatsi, umugabo we afite uburenganzira bwo gutandukana nawe." Neza cyane. "Akoza isoni umutwe we." Ni cyo Bibiliya ivuga. Noneho, sinzi niba mubikunda cyangwa mutabikunda, ariko ni cyo Bibiliya ivuga mu 1 Bakorinto 14.

50 . . . bihambiriye ku ruhu ku buryo umubiri uri hanze. Noneho nyuma, bakazenguruka, bavuga bati "Noneho, bwana Branham, ni ubwo bwoko gusa bw'igitambaro bacuruza."

Bacuruza buri gihe ibitambaro n'imashini zo kudoda. Nta rwitwazo. Amish na za Dunkard baba babifite buri gihe. Nta gushidikanya. [Iteraniro rikoma mu mashyi. - N.D.E.] Noneho ni iki kiba? Basohokera aho noneho bagakora amateka.

Umugore yaravuze ati "Noneho, bwana Branham, njyewe, sinambara amakabutura. Njyewe, nambara. . . " Ibyo ni ibiki, ipanta. . . igera hejuru y'amavi. Yego, yaravuze ati "Ni cyo nambara."

Naravuze nti "Ibyo, ni bibi cyane." Naravuze nti "Bibiliya iravuga iti 'biteye isoni ku mugore kwambara umwambaro w'umugabo'" Noneho ni ubuhe bwoko bw'ishusho yanduye izi Leta Zunze Ubumwe ziri gutanga uyu munsi! Murabona? Ni byo.

Munyemerere mbabwire ikintu runaka, mushiki wacu. Mushobora gusa neza cyane nk'umwangange mu maso y'umugabo wanyu cyangwa inshuti yanyu, ariko ku munsi w'Urubanza, mugomba kuzasubiza ku kuba mwarakoze ubusambanyi. Yesu yaravuze ati "Umuntu ureba umugore akamwifuza yamaze gukorana nawe ubusambanyi." Niba uwo munyabyaha yaramurebye, noneho, agomba kuzasubiza ku munsi w'Urubanza. Ni mwe mwamwiyeretse. Mukore uko mushaka. Yego, yego. Ku mugore ushikamye yakunda kwambara gutyo? Nyuma, mukavuga ko mufite Umwuka Wera, kubera ko mwavuze mu ndimi kandi mukaba mwarirutse muri sale? Ibyo, rwose, nabonye abapagani babikora, abitwa Hottentots. Umwuka Wera, ni ukubonera, kwera, si ukwandura. Nta gushidikanya.

51 Uwo muntu yaravuze ati "Niba muri. . . bizera ko muri umuhanuzi. Kubera iki mutabigisha ukuntu bakira impano zikomeye z'umwuka, n'ukuntu bakorera imirimo Imana? Kubera iki mutabigisha ibyo ubwo

muri umuhanuzi?"

Naravuze nti "Ni gute nshobora kubigisha inganyagaciro mu gihe batanashaka kwiga ABC zabo?" Muzi icyo ABC bisobanura? Kwizera Igihe cyose Krisitu [Kwizera Krisitu buri gihe.] Yego, yego. Ni gute muzabikora? Murabona, murashaka kuzamuka aho hejuru aho gutangirira aha hasi.

52 Imana izubaka Itorero Ryayo ku rufatiro rwa Yesu Krisitu, kandi ni Bibiliya. Hanze y'ibyo, ibindi bibuga byose ni umucanga ugenda. Imana ntihinduka. Kamere Yayo ntihinduka.

53 Yaremye abagore batandukanye n'abagabo, abagabo batandukanye n'abagore. Yabambitse mu buryo butandukanye, kandi Ishaka ko baguma gutyo. Murabona? Abagore barashaka gusa n'abagabo, n'abagabo barashaka gusa n'abagore. Oh! La la! Mbega ubuyobe! Ni. . .

Kandi byose, twavuga ko, abantu bari munsi y'ubutware badashobora guhindura. Twavuga ikinyamaswa kinini, umwijima ukomeye! Niba mwumva icyo mvuga, ni mu mwuka. Ikinyamaswa cyarabafashe, kandi rwose ntibashobora kubyiyaka; hari ibintu byinshi bya Hollywood, televiziyo nyinshi, ibindi bintu byinshi bitumvikana. Ibyo dufite byose biranduye. Ntibitangaje ko bivugwa ngo "Umurimo udahinywe, ku bw'abataranyijwe, nta muntu wakizwa." Mwaravuze muti "Sinigeze mbimenya mbere." Nyamara, ubu, murabizi, kuva nonaha. Murabona? Ni. . . Naba ngize neza kubihagarika. Murebe.

54 Yohana yari ikimenyetso. Kandi mubyibuke, uburyo Imana yabikoze inshuro ya mbere, ni gutyo izabikora na none. Yarabisezeranyije. Noneho, Imana ntiyigeze na rimwe ikoresha agatsiko k'abantu, igihe na kimwe, ku bw'ikintu nk'icyo.

Mwibuke, habayeho inshuro imwe agatsiko ku buryo umuntu ukomeye witwa Ahabu. . . yari afite u. . . yari afite abahanuzi magana ane b'abanya Israel. Kandi, ntibari abahanuzi b'abapagani. Abahanuzi magana ane b'abanya Israel. Bose bari bafite impamyabushobozi zabo n'ibindi byose, yari afite ishuli rikomeye.

Hari umuntu w'intungane witwa Yehoshafati, umwami w'i Buyuda, wamanutse aho. Kandi ni aho umwizera yivanga n'umutizera. Ibintu ntibyagenze neza.

Noneho aravuga ati "Ramoti Galiyade." Noneho, mukurikire ibi, ukuntu bisa. Yaravuze ati "Ramoti Galiyade aho ni iyacu. Aho muri icyo gice cy'ubutaka, aho hejuru, ni ahacu." Yosuwa, igihe cyo kugabana ubutaka, yahahaye Israel. Kandi Abanya Palesitina, abapagani, bajyiye kuhabambura. Yaravuze ati "Ni ahacu."

Noneho, mukurikire ukuntu abantu bashobora kuba mu kuri bijyanye n'amategeko, kandi nyamara, bagahomba icyo Kintu. Mu by'ukuri, ibyo ni ibya Israel. Ariko amasezerano yose y'Imana, mwene Data, agira ibyo asaba, murebe "Nibagendera imbere y'Umwami."

55 Noneho, mwumve ibi. Yaravuze ati "Urashaka kujyana nanjye noneho ukamfasha kugarura ubwo butaka? Noneho, ni. . . abana b'abo Bafilisitiya buzuza inda zabo aho, n'ingano igaruka kuri Israel." Ni ukuri bijyanye n'ibyanditswe. Yaravuze ati "Mfasha tuzamuke mpagarure."

Yaravuze ati "Noneho, . . ." Aho, yakoze ikosa atatekerejeho "Ibimodoka byanjye by'intambara ni ibyawe, abantu banjye ni abantu bawe. Nzajyana nawe."

Noneho nyuma, Yehoshafati yatangiye gutekereza, murazi "Noneho ati, ntitwakagombye kubaza Uwiteka kuri ibyo mbere yo kujyayo?"

"Yoo! Ni byo, ni ko Ahabu yavuze, nta gushidikanya. Yego, yego. Mbabarira. Mba narabitekerejeho."

"Nta muhanuzi ahantu runaka?"

"Yoo! Nta gushidikanya. Mfite seminari y'abahanuzi aha, beza cyane tutigeze tubona. Bose Bambara imyenda myiza cyane. Ni inzobere zityaye cyane. Narazigishije. Tuzabashaka."

56 Noneho bajyiye aho. Bose bateraniye hamwe. Ntibari indyarya. Barasenze, barasenga, barasenga kugeza babonye iyerekwa.

Nyuma, baraje. Umwe muri babiri yari yarakoze amahembe abiri manini mu butare. Yaravuze ati "Hamwe n'aya, uzirukana Abafilisitiya ku butaka, cyangwa ahubwo Abasiriya." Yaravuze ati "NI KO UWITEKA AVUZE. Muzamukeyo, Uwiteka ari kumwe nawe." Bose, noneho, n'umutima umwe, binjiye mu mutima. Abo bahanuzi b'abanya Israel baravuze bati "Muzamukeyo, Uwiteka ari kumwe namwe." Muzavuga muti "Ese bijyanye n'ibyanditswe?" Imana yahaye uwo murage ubwoko, noneho umwanzi arawubohoza. "Mufite uburenganzira bwo kujya kuwugaruza."

Noneho, bapantekote, ndashaka ko mwakura isomo aha.

Ariko, Yehoshafati, nk'umuntu wera, aravuga ati "Nyamara aho hari ikintu kitari cyo." Yaravuze ati

“Nta wundi mufite?”

“Undi, nyuma yuko abahanuzi magana ane bigishijwe neza bahagaze aha?” Mu gihe abantu bari aha muri iki cyumba. “N'umutima umwe, baravuze bati 'NI KO UWITEKA AVUZE. Mubigaruze', ni ko bavuze, 'Yosuwa yaduhaye ubwo butaka. Ni ubwacu. Genda ubugaruze!”

Ariko Yehoshafati yashakaga undi. Yaravuze ati “Nta wundi uhari dushobora kwifashisha tubaza Imana?”

Yaravuze ati “Yoo! Hari undi, ariko, ni ko yavuze, ndamwanga.” Yego, yego, yego, yego. Yaravuze ati “Ni Mika, mwene Jimula.” Yaravuze ati “Ndamwanga. Igihe cyose yamvuzeho ibintu bibi.”

Yaravuze ati “Umwami ntavuge atyo. Reka tujye kumushaka.”

57 Noneho, yatumye intumwa aho. Noneho bamwe muri bo baravuze bati “Noneho, Mika, ndashaka kukubwira ikintu. Noneho, uzi ko bakwirukanye; ko nta gihe kirekire gishize, bakwirukanye mu rusengero kubera ko buri gihe uvuga nabi abantu. Noneho, niba ushaka kugarukana ikarita yawe y'umunyamuryango, vuga kimwe nabo kandi, yoo! bazakugarurura neza munsi y'amaboko yabo.”

Ariko yigaragaje nk'umuhanuzi w'ukuri. Yaravuze ati “Uwiteka Imana ni muzima, nzavuga gusa ibyo Uwiteka azashyira mu munwa wanjye.” Yoo! Imana ihe umugisha uwo mugabo! Yaravuze ati “Mutegereze kugeza uyu mugoroba, kandi nzareba icyo Uwiteka azambwira.”

Bukeye bw'aho mu gitondo, yaravuze ati “Zamukayo, ariko nabonye Israel itatanye nk'intama zidafite umwungeri.” Rwose yafashe iyerekwa rye noneho arigereranya n'icyo Eliya yari yavuze, icyabaye kuri Ahabu. Ni gute yashoboraga guha umugisha icyavumwe? Nta cyo bivuze cyane ingano. . .

58 Turi ishyanga ryera. Itorero rya pantekote, abatisita, abametodisiti n'abandi, ni amatorero ya gikirisitu, ariko ni gute mushobora guha umugisha icyo Imana yavumye? Nta cyo bimbwiye cyane, muzavuga muti “Nabaye umuyoboke w'ibi. Nakoze ibi.” Ibyo nta sano bifitanye n'icyo kintu. Murebe ibyo mwakoze. Murebe abapantekote, ukuntu baretse bariyeri zikagwa. Murebe icyo mwari cyo kera, murebe icyo muri cyo uyu munsi. Ntibitangaje ko amaso aba - amaso ahuma.

59 Nyuma, we, Ahabu. . . Uwo mutambyi yakubise urushyi Mika ku munwa. Yaravuze ati “Mumushyire. . .” Noneho Ahabu aravuga ati “Mumushyire muri gereza y'imbere. Igihe nzaba ngarutse mu mahoro, nzita kuri uwo muhungu.”

Mika aravuga ati “Bibayeho ukagaruka, Imana yaba itarigeze imvugisha.” Hee? Murabona? Aho hari umuhanuzi, yari afite ikimenyetso; hari Ijwi Ryayo. Kandi kuba yarabuze kubyubaha byazanye urubanza. Umwuka Wera ni umuhanuzi wacu uyu munsi. Guhomba kumva Ijwi Ryawo? Bigaragara mu Byanditswe, ko Yavuze ibyo bintu. Yesu Krisitu, munsi y'Umwuka Wera!

60 Imana yakoranaga n'uwo muntu umwe gusa. Uwo. . . Imana ntijya na rimwe ikorana n'amatsinda; ni n'umuntu umwe gusa. Eliya ntiyari itsinda. Yohana ntiyari itsinda. Ntibari itsinda cyangwa idini, nta n'umwe muri bo. Ariko bose baciriyeho iteka ikintu kimwe. Ni byo. Yohana yaravuze ati “Ntimutangire kuvuga ko Aburahamu ari so. Kuri aya mabuye Imana ishobora gukuramo abana ba Aburahamu.”

Kandi ikimenyetso cy'igihe cy'imperuka kizagira Ijwi ry'igihe cy'imperuka. Kandi ikimenyetso cy'igihe cy'imperuka kizaba kimeze nk'uko byavuzwe mbere muri Bibiliya. Kandi Ijwi ry'igihe cy'imperuka, rikurikira ikimenyetso cy'igihe cy'imperuka, rizaba neza rigaragara mu Byanditswe, bizaba ari Ibyanditswe byasezeranyijwe.

Noneho, twasomye muri Luka 17 ikizaba ikimenyetso cy'igihe cy'imperuka, bizaba bimeze nk'ibyabaye i Sodomu, isezerano. Kandi dufite Sodomu mu mubiri, kubera iki tudashobora kwizera ko ikimenyetso mu mwuka gihari? Niba mushobora kubona Ibyanditswe, kandi, Luka 17 ni ikimenyetso, noneho Malaki 4 ni Ijwi. Ikimenyetso, cyari kimeze nk'Imana igaragara mu mubiri, izi amabanga y'umutima; kandi Ijwi rya Malaki 4, ryari iryo gukura abantu ku mahame no kubagarura ku kwizera kwa ba data. Ikimenyetso ni icyo.

61 Murabizi? Ndarangije ubu. Twemera muri rusange ibimenyetso, mu by'ukuri; ariko Ijwi, yoo! oya. Ijwi rikurikira ikimenyetso, nta kintu dushaka kugirana n'ibyo. Yego.

kimenyetso cya Yesu, nka Mesiya gikiza abarwayi, cyemewe n'abantu. Ariko umunsi umwe, Yaravuze ati “Data Nanjye, turi Umwe.”

Oh! la la! Iryo Jwi ntiryemewe. Baravuze bati “Urigira Imana, Urihwanisha n'Imana.”

Yaravuze ati “Ndi Umwana w'Imana.”

“Oh! La la! Ni gute Imana yashoboraga kugira Umwana?” Murabona, “Ntibishoboka ko Imana igira Umwama!”

Ariko, murabona, bizeye ikimenyetso, abarwayi bashoboraga gukira kandi, yoo! byari bihebuje, byari byize cyane. Ariko igihe twageraga ku Ijwi, ntibashakaga kwizera Ijwi. Ni iki bakoze? Bamusunitse hanze.

Noneho murabizi? Bibiliya itubwira mu Byahishuwe, igice cya 3, ko mu gisekuru cy'Itorero rya Lawodikiya, bazamukorera ikintu kimwe. Yari hanze y'itorero. Aho, ni Ijambo ryagaragajwe. Yari Ijambo ryagaragajwe. Igihe cyose ni Ijambo ryagaragajwe.

62 Niba mushobora kwizera ikimenyetso cy'i Sodomu, muri Luka, niba mushobora kubyizera, noneho kubera iki mutemera Ijwi rya Malaki 4? Murabona, kubera iki mwe hoya, mwe? Ibyo bishobora guhamirizwa. Uburyo bumwe ibyo bishobora gukorwa. . . Ikimenyetso gishobora guhamirizwa, ariko mukwiye kwemera Ijwi.

Mose yahawe umurimo wo kumanuka, mu mubiri, wo kugira ikimenyetso cy'umwuka no kugarura abantu ku isezerano rya ba data.

Malaki 4, ni ukugarura abantu ku kwizera kwa ba data. Yoo! Mugaruke, yoo! mwa mpumyi mwe n'abatatanye, musange abanyu!

63 Kugira ngo turangize, ndavuga ibi, ubu busobanuro bwa nyuma. Umuhanuzi yaravuze ati "Ahagana ku mugoroba, Umucyo uzarasa." Murebe, yaravuze ati "Bizaba ari umunsi utazashobora kwitwa amanwa cyangwa ijoro." Noneho, mukurikire. Ndarangije. "Bizaba ari umunsi. . ." Reka ibyo byinjire cyane, Imana ibishyire muri buri mutima, muri uyu muryango uyu mugoroba, muri iki cyumba. Umuhanuzi yaravuze ati "Bizaba ari umunsi utazashobora kwitwa amanwa cyangwa ijoro, umunsi usa n'uwijimye, wuzuye imvura, wuzuye ibicu. Ariko, ni ko yavuze, mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzarasa."

Noneho, mwibuke, buri gihe izuba rirasira mu burasirazuba kandi rikarengera mu burengerazuba. Urwego rw'imibereho rwakurikiye izuba. Murabizi. Kandi, murebe, iryo zuba rirasira mu burasirazuba ni ryo rirengera mu burengerazuba. Ku bw'ibyo, urwego rw'imibereho rwakurikiye inzira imwe y'izuba, ku buryo ubu iburasirazuba n'iburengerazuba byahuye. Turi ku Ruhande rw'Uburengerazuba, iburasirazuba n'iburengerazuba.

Noneho, mwibuke, Ubutumwa bwiza bwaciye mu cyerekezo kimwe. Bwaturutse mu burasirazuba, Kuza kwa Yesu Krisitu, Umwana, si izuba. Umwana, Umwana w'Imana, yaturutse iburasirazuba, mu gice cy'Iburasirazuba. Noneho ubwo, habayeho umunsi abantu bayobotse itorero, bakoze amadini, hari umucyo uhagije kugira ngo habeho kubona "Noneho, tuzabona itorero. Tuzubaka ibi. Tuzubaka amashuli. Tuzubaka ibitaro. Tuzigisha. Tuzagira semineri." Babonye umucyo mwinshi wafashije kubikora.

64 Ariko, mwibuke, Bibiliya iravuga iti, umuhanuzi w'Umwami, muri Bibiliya, ari cyo NI KO UWITEKA AVUZE "Iryo zuba rimwe ryamuritse iburasirazuba rizongera rimurike iburengerazuba, mu gihe cy'umugoroba. Mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzarasa."

65 Ni iki Azakora? Ibyo bisohoza neza icyo Yavuze muri Luka, igice cya 17 "Mu gihe cy'imperuka, igihe Umwana w'umuntu azongera kwihishura mu buryo bumwe Yihishuye mu burasirazuba, uwo Mwana umwe umurika, imbaraga imwe, Umwuka Wera umwe, Ikintu kimwe gisohoza ikintu kimwe, mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzarasa."

Iryo zuba rimwe ryagenze, uwo Mwana umwe wagenze, ava mu burasirazuba, kuva kuri Pawulo, bwanyuze mu Budage, kuri Martin Luther; Bwanyuze na none ku rugendo Rwabwo rukurikira; kuva aho, Bwajyiye mu Bwongereza, kuri John Wesley; Bwambutse inyanja ya Atlantika kugera muri Leta Zunze Ubumwe, ku bapantekote; noneho ubu, abapantekote bararangiye, kandi turi ku Nkombe. (Cote)

Abo bose bahindutse idini, neza nk'uko byari bimeze ku ntangiriro, bakoze idini Imana yavumye. Abapantekote n'abandi bose bakoze ibyo.

66 Ariko Yaravuze ati "Mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzarasa. Ikimenyetso kiza mu gihe cy'umugoroba." Ntimuzabihombe, nshuti. Ntimuzabihombe. Noneho, uwo Mwana umwe azatanga Umucyo umwe. Izuba rimwe ritanga umucyo umwe w'izuba. Umwana umwe atanga Umucyo umwe w'Umwana. Noneho, si njyewe ubivuga. Umuntu wese aha uzi ko ari cyo Bibiliya ivuga, azamure ikiganza. [Iteraniro riravuga riti "Amina" - N.D.E.] Ni byo rwose.

Noneho, murashobora, biterwa namwe. Mwizera ko Umwana w'Imana, Yesu Krisitu, ya. . . atapfuye. Ni muzima. Ari mu kwicisha bugufi, aroroheje. Ni uko yagumye kuba. Kugira ngo yerekane, ko ari ngombwa kwicisha bugufi. Mwicishe bugufi, mwitandukanye n'amahame yanyu ya kidini, noneho mwizere umwami Yesu. Murebe ikimenyetso, nyuma mwizere Ijwi. Mugaruke, yemwe abatatanye mwe, musange abanyu!

Twubike umutwe. "Kandi nibatizera Ijwi ry'ikimenyetso cya mbere, mu kiganza, nk'uko byari bimeze na Mose, noneho muzasohoze ikimenyetso cya kabiri. Nyuma, nibatizera icyo kimenyetso, noneho muzafate amazi (amazi ahagarariye ubuzima) y'inyanja nini cyangwa inyanja ntoya, muzayasuke hasi, azahinduka

amaraso."

67 Data wo mu ijuru, igihe kirakuze ubu, ariko Wasezeranyije ko mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzarasa. Reka Ijwi ry'Ubutumwa bwiza bwacu bwinjire imbere mu mitima y'abantu, mu gihe batekereza babitekerezaho kandi babyiga banyuze mu Ijambo.

Ha umugisha uyu muryango, Mwami. Ha umugisha aba bantu. Ndababona bicaye aha, bafite inzara, abana bakennye bafashwe nabi kandi bakangwa, ibi, tuzi ko Satani yakoze ibyo rwose kugira ngo ababuze kubona icyo Kintu igihe Ibyo bizaba Bihari. Bashobore, uyu mugoroba, n'umutima umwe, kwizera Yesu Krisitu, kwizera isezerano Rye, ko Yazutse mu bapfuye.

Waravuze uti "Umwana w'umuntu azaza igihe bazaba batabitekerezaho."

Rwose igihe itorero. . . rizaba ryishakira amafaranga, rishora amamiliyoni y'amadolari mu nyubako. Bazaba bari kure cyane, Data, ndatekereza ko, iyo baza kuba bari mu nguni, bavuza ingoma, n'ingofero mu ntoki, ingoma ishaje, mu nguni, nk'Igisirikare cy'Agakiza, aho kwicara muri ubwo buruhukiro bw'imirambo uyu mugoroba, bashaka kwigana isi "Bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana ikibitera imbaraga." Tanga, Mwami, uyu mugoroba, indi nshuro, Mwami; nk'uko Samusoni yatatse ati "Indi nshuro, Mwami, indi nshuro." Bamenye ko Uri Krisitu, Umwana w'Imana; uhora uko Yari ari, uyu munsi n'iteka ryose. Kandi Wigaragaze hagati muri twe kugira ngo babone ikimenyetso, birashoboka ko bazizera Ijwi. Mbisabye mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

68 Tujyiye twihuse gukora umurongo wo gusengerwa. Nabonye ko mu by'ukuri byari igihe ubu ndetse kuri twe cyo kubasezerera. Ariko dukore umurongo wo gusengerwa, rwose umurongo muto w'amasengesho, tuzakomeza kandi ejo.

Yatanze amakarita yo gusengerwa uyu munsi. Dutanga rwose amakarita buri munsi; ndetse, umuntu wese ashobora kugira uburyo bwo kuza, mu gihe cy'umwihariko. Kujya mu murongo w'amasengesho ntibibakiza. Umuntu wese arabizi, muri buri teraniro, haba hari abantu benshi bakira bari muri sale kurusha abari aha ku ruhimbi, murabona, buri gihe. Umwuka Wera uba uru ahantu hose. Ugerageza gusa kubona abizera, ni byo, Ushobora kugeraho.

69 Twatanze amakarita yo gusengerwa, igikundi cya P, nka Pawulo. Turebe, aho twa. . . Noneho, duhamagare duhereye kuri 1. 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10, muhagarare aha, niba mubyemera. Amakarita yo gusengerwa P, nka Pawulo, 1 kugera 10, muhagarare aha kuri uru ruhande, niba mushobora guhagarara. Niba atari ibyo, turohereza noneho umuntu wo kubafasha. 10; 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8. . . Byiza cyane, na none babiri. 8, 9, 10, byiza cyane. 10 kugera kuri 15, bihwanye na none na 5. 15 kugera kuri 20, muhaguruke kugira ngo ndebe niba muhagaze; igikundi cya P, 15 kugera kuri 20. 20 kugera kuri 25. Turebe noneho, aho muri hose. Noneho, abandi mu cyumba bubahe rwose, rwose mu gihe cy'iminota runaka. Amakarita yo gusengerwa, igikundi cya P, 1 kugera kuri 25. Si byo? 25, 1 kugera kuri 25.

70 Noneho, reka abandi bose bubahe mu by'ukuri. Muhe icyubahiro cyinshi Imana n'Ubutumwa. Ibyo mubigomba Imana, gufata umunota umwe wo gutekereza.

Noneho, ndatekereza ko twateguje abantu. Abata. . . niba bafite ikarita yo gusengerwa, bose ntibari mu murongo, turi bubone; bari bubimbwire mu minota runaka, noneho nyuma, turi. . . ubwo rero, turi burebe niba wenda hari umuntu w'igipfamatwi cyangwa utabishobora.

Sinzi aho bari, nshuti zanjye, ayo makarita yo gusengerwa. Umusore aje aha. . . [Mwene Data Branham abaza umuntu ku ruhimbi ati "Ni nde wazitanze? Ese ni wowe cyangwa ni Billy?" - N.D.E.] Iyo aje, acangira ayo makarita imbere yanyu; nyuma, akabaha ikarita yo gusengerwa; aza aha, akabasaba mwese kwicara, abaha ikarita yo gusengerwa. Murabona? Sinzi aho bari. Ndagerageza kubwira uyu mwana guhaguruka, murabona. Kandi, abandi, simbizi. Nta buryo na bumwe mfite bwo kubimenya. Ndatekereza ko Imana ibitunganya gusa uko Ibishaka.

71 Noneho, ubu, mwe bandi mudafite amakarita yo gusengerwa, muzamure ikiganza muvuge muti "Simfite ikarita yo gusengerwa, ariko ndarwaye." Muzamure ikiganza, ahantu hose muri sale. Nta cyo bimbyiye cyane aho muri, muzamure iki. . . Noneho, nta bantu rwose benshi bari aha, ubu. Noneho, kubireba, ntibizatwara igihe kinini gusengera abazaba bari mu murongo wo gusengerwa ejo. Aha hari hafi makumyabiri, hatarimo abahagaze aha, barwaye.

Ni byiza. Nishimiye kubabona mubyemera gutyo. Mufite ukwizera kwinshi ntatekerezaga ko mufite, wenda. Murabona? Murabona? Niba mwemeye gukira kwanyu, mukaba mwajugunye ikarita yanyu, Imana ibahe umugisha. Uko ni ko kwizera nyakuri k'umwimerere. Nta muntu wabarambitseho ikiganza; mwarambitse ikiganza kuri Krisitu.

Noneho, mwe aha uyu mugoroba, mutari bwinjire mu murongo wo gusengerwa, mwizere iyi nkuru. Nk'uko umugore yakoze ku madinda y'umwenda We, Agahindukira kandi akamenya ko yamukozeho. Ni bangahe bibuka iyo nkuru? Nta gushidikanya ko mubyibuka.

Noneho, mwizera ko We (Ni cyo Bibiliya ivuga mu Baheburayo 4), Ni Umutambyi Mukuru ubu ndetse ushobora gukorwaho n'amarangamutima y'ubumuga bwacu? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - N.D.E.] Noneho, niba uko Yari ari ejo, ari ko Ari uyu munsi, n'iteka ryose, Ntari bukore kimwe? ["Amina."] Ntiyabikoze buri mugoroba aha? ["Amina."] Ni bangahe bari bari mu materaniro yandi kandi bakamubona abikora? Muzamure gusa ["Amina."] Nta gushidikanya. Murabona? Ku isi yose! Azi byose kuri mwe.

72 Noneho, murabona icyo ngerageza gukora. Ni bangahe bumva icyo nshaka ko mukora? Murabona? Ndashaka ko mwe, tutabanje kubarambikaho ibiganze, ndashaka ko mwe, nk'abagaragu b'umwimerere b'Imana, muvuga muti "Yesu Krisitu, Ndakwizera. Nkwemeye ubu nk'Umukiza wanjye. Nkwemeye nonaha nk'Umukiza wanjye. Ndabyizera n'umutima wanjye wose, ni umurimo warangiye." Nyuma, mufate iri sezerano, mufate guhamya kwanyu noneho mwigire imbere mubifite. Mwitegereze ikiba. Murabona? Mwitegereze ikiba. Murabona? Noneho, ni cyo ngerageza gutuma mukora, uburyo nyakuri tugomba kwizeramo.

Ni iki mwavuze? [Umuntu aravuga ati "4 na 19." - N.D.E.] Nomero 4, ikarita yo gusengerwa nomero 4 na nomero 19 zibura. Ikarita yo gusengerwa 4. Murebe ku muntu runaka; murebe amakarita ya bagenzi banyu babegereye. Amakarita yo gusengerwa nomero 4 na nomero 19. Byiza cyane, rwose akanya gato, mutegereze. Murabona, nintayihamagara, ubwo ibyo bizambarwaho, murabona. Ni iki muvuga? ["4."] Mufite 4? Bimeze gute kuri 19 ntiyari yaza. Ni iki muvuga? ["Kongeraho 4."] Ikarita yo gusengerwa 4 ntihari, cyangwa 19. Niba hari uyifite, yiinjire mu murongo. Yego, murebe, murabona ibyo bishobora... Haba hari. . . Ese uwo mwana muto afite ikarita? Mugenzure, si byo. . . Si nomero. Ese uwo mudamu uri aha afite ikarita, uwo uri mu mu kagare basunika? Mugenzure nomero ye. Ese ni nomero ye? Umudamu ku buriri buto, hee? Barazifite. Bose ubu barahari. Ni byiza. Byiza cyane. Noneho, ubu, mwe mufite ikarita yo gusengerwa, muzicunge. Tujyiye gusenga, ku buntu bw'Imana.

73 Noneho, nshuti, nk'uko uyu ari umugoroba wacu wa nyuma, ejo, bizaba ari ku cyumweru nyuma ya saa sita, turuhuke. Noneho, mukureho kutizera kwanyu kose na buri - buri gitekerezo kitumvikana, mubishyire hasi, mubikandagize ikirenge cyanyu, muvuga mutyo. Muvuge muti "Mwami Yesu, ngiye kukwizera." Ni bangahe bazabikora? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - N.D.E.] Murakoze. Imana ibahe umugisha.

Noneho, ntihagire umuntu ugenda. Mugume mwicare mutuje, kandi mwizere. Murebe muri icyo cyerekezo, noneho murebe.

Igihe cyose tumenya Imana binyuze mu kwiyerekana Kwayo: Ishobora kubona ibyabayeho, kuvuga ibyabayeho, ibiriho cyangwa ibizaba. Turabizi. Ni gutyo bamenyaga abahanuzi. Ni gutyo bamenye ko Yesu yari Mesiya. Kandi ni Mesiya umwe uyu munsi nka kera, gusa, tudafite Umubiri We ugaragara aha ku isi. Yohereje Umwuka We ngo ukoreshe umubiri wanyu, umubiri wanjye. Noneho, mushobora kutagira ubushobozi bwo gukora ibi. Tuzi, bijyanye n'Ibyanditswe, ko hari umwe gusa mu gisekuru. Ariko, murebe, ariko nyamara, mushobora kubyizera, muzabona ibindi bintu mushobora gukora, umuntu wese.

Kandi niba urutoki rwanjye rufashe icyemezo ko kubera ko atari ijisho ryanjye, nta kintu rizamarira nk'urutoki? Kandi niba ukuboko kwanjye kuvuze kuti "Sinzongera guhaguruka, kubera ko ntari ijisho, cyangwa ugutwi, sinzongera kuba ukuboko." Noneho, bizamugaza umubiri wanjye. Mube icyo Imana yabagize.

74 Inshuro nyinshi nakunze Oral Roberts, Billy Graham na Tommy Osborn! Bamwe muri abo bantu baza aho noneho bakavuga bati "Icyubahiro kibe icy'Imana! Mubyizere!" Ukwizera gufite imbaraga cyane. Barigendera, bakava ahantu hameze neza mu buryo bushoboka.

Billy Gram azana ubutumwa, abwira abantu iminota runaka, avuga ati "Mufate icyemezo cyanyu, muze ku gicaniro." Ahagarara aho gusa, ntiyongera kugenda.

Arabaza ati "Kubera iki noneho mukora ibyo, Billy?"

Naravuze nti "Ubutumwa bwanjye bwaratangajwe. Buva ku Mana." Ni byo.

We ni itorero ry'i Sodomu, ni byo neza bigomba kuba. Izina rye riherwa na h-a-m ya Aburaham, inyuguti esheshatu; Abraham, ni karindwi. Murabona intumwa y'iryo torero, aho i Babuloni? Nta gushidikanya. Nta muntu mu gihugu ufite, ubu butumwa bwo kwihana, igikorwa nk'icya Billy Graham. Ahagarara aho, akava aho hantu noneho akajya gufata igice cy'inyama ubwo akisinzirira, akanwa amata batunganyije. Ni byo.

75 Ariko iyo mukwiye guhagarara aho noneho mukarwanya amadayimoni. . . Rimwe, i Long Beach, mwene Data Jack nanjye. . . So yari ahari.

Noneho bwana Fuller yari aho, Charles Fuller, mwene Data mwiza, yari aho, abwiriza. Aho hari hafi abantu ibihumbi bibiri cyangwa bitatu icyo gicamunsi. Twaricaye noneho dukurikira iteraniro rye. Nari nakodesheje icyo cyumba kinini, nyuma ye. Noneho, ahagarara aho noneho avuga imbwirwaruhame

nziza. Ubwo yaravuze ati "Aha haba hari umuntu ushaka kwakira Krisitu?" Abantu babiri cyangwa batatu bagiye gushyirisha abana mu biganza by'Imana. Umugore umwe yavuze ko yashakaga kubyemera. Yigiye imbere, akora isengesho rito, umwe mu badiyakoni yatanze ibyo, yaragiye aricara. Bahanye ikiganza, arahindukira, arasohoka. Aho hari itsinda rye ry'abantu b'abanyabwenge bambaye neza cyane, basohokaga aho.

Ubwo hinjira itsinda ryanjye bambaye imyambaro migufi, ku tugare basunika, impumyi, abamugaye, abacumbagira, abadafite ingingo. Igihe ukwizera kwanyu guhuye n'ikintu nk'icyo! Noneho, mwumve, ni iki navuze ko Krisitu ari? Noneho ubwo, abatizera bari aho, bashaka kubona ikosa, murabona, bashaka kubona ikosa.

76 Mwibuke, nta gihe kirekire gishize, twari i Toronto, tubwiriza kandi dusengera abarwayi. Nagumye kumva umwuka udasanzwe; wari ibumoso bwanjye. Nagumye kubicunga.

Umuntu yari yicaye aho, imirimo ye yakorwaga n'itsinda, kugira ngo aze kundangaza. Yajyaga aha na hariya mu nkambi y'abasirikare, yagendeshaga abasirikare n'ibiganza kandi akabamokesha nk'imbwa, n'ibindi byose; mu kurangaza. Numvise uwo mwuka mubi. Sinari nzi aho wavaga. Nagumye gucunga. Nabonye icyo gicucu cy'umukara. Nategereje rwose iminota runaka. Naravuze nti "Wowe, mwana wa Satani, kubera iki umubi yaguhumishije umutima ku kintu nka kiriya? Kubera ko waje kugira ngo ufate hejuru ku Mana, uhangane n'Umwuka w'Imana, bari bugukure aha" Yahise aremarira aho ndetse mu ntebe ye kandi yagumye kuremara. Murabona?

77 Ntidukora ibintu bya kidini. Ni bangahe bitabiriye amateraniro kandi bakabona ibintu nk'ibyo biba? Muzi ko ibintu biba. Nta gushidikanya. Ni byo. Mwibuke, mwubahe. Noneho, dore umuntu wa mbere, ndatekereza. Ese ni byo?

Noneho, murebe, narabwirije, nababwiye neza ibigomba kuba kuri uwo munsi. Noneho, ibyo ni ikimenyetso, niba biba. Ni cyo cyari ikimenyetso, mwizere rwose Ijwi rikurikira ikimenyetso. Murabona?

Noneho dore umugore. Neza, kuri mwe abashya, ibi ni Yohana Wera 4, aho Umwami wacu Yesu yasanze umugore ku iriba. Nta na rimwe mu buzima bwabo, bigeze bahura mbere, kandi Yabwiye umugore ikibazo cye. Umugore yamenye ko yari Mesiya. Muzi iyo nkuru? Birongeye na none, umugabo n'umugore barahuye. Noneho, si wa mugore, nanjye, si ndi wa Mugabo, ariko igihe cyose ni Imana imwe, Noneho, Yesu yaravuze ati "Muzakora ndetse imirimo nk'iyo Nkora", Yohana 14.12.

78 Noneho, madamu, simbazi, nta kintu na kimwe nzi gitumye muhagarara aho. Bishobora kuba ari ikibazo cyo mu muryango. Bishobora kuba ku bw'undi muntu. Birashoboka ko murwaye. Birashoboka ko ari. . . Birashoboka ko muhagaze aho rwose kugira ngo mukore imyiyerekano. Niba ari ko bimeze, murebe noneho ibiba. Murabona? Birashoboka ko muri kwigana ikintu runaka. Uko bimeze kose, si. . . Mushobora kuba muri umwizera w'umwimerere. Ibyo, simbizi, ariko Imana irabizi. Ariko muzamenya niba Yarababwiye ukuri cyangwa atarababwiye ukuri, si byo? Niba ari ukuri, muzabimenya.

Noneho, murebe, ni ibyo ukwizera kwanyu kwagezeho. Yoo! mwakwemera kuza aha? Noneho, niba hari umuntu utekereza ko ari ikinyoma, aze aha, afate uyu murwayi, aze aha afate abandi. Noneho, nimutabikora, ntimuzancireho urubanza rwose. Murabona?

Noneho, murebe aha, mushiki wacu, rwose umunota umwe. Noneho, nta gitekerezo na kimwe mfite, nta kintu nzi kuri mwe. Gusa uri umudamu, muhagaze aho.

79 Noneho, niba Umwami Yesu Krisitu, Umwana w'Imana, wasezeranyije, nk'uko nabigaragaje na Bibiliya, ko Azagaruka mu minsi ya nyuma kandi akihishura mu mwuzuro w'Umwuka We. . .

Impinduka z'Itorero zigenda nk'iz'ikiremwa muntu: ibirenge kugera ku matako, bizamuka kugera ku matako, ku mutwe, kandi umutwe ni umutware w'umubiri. Kandi Umubiri wagiye ugira impinduka, kuva ku Itorero rya mbere, wagize impinduka kugera kuri ibi, impinduka, kandi ibyo byakomeje kugeza ubu. Byanyuze mu gutsindishirizwa, kwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera.

Noneho, ni Umutwe (Krisitu) uza ku bw'Umubiri, Umubiri wa Krisitu. Ni We uzi. Ikiganza cyanjye ntikizi gukora, bitavuye ku itegeko ry'umutwe wanjye. Ariko ni We uzi, ni yo mpamvu ari Jambo.

Si ndi Jambo. Ndi umuntu. Ariko, murabona, Akoresha uwo mubiri. Mu by'ukuri, Yapfuye ku bwo kweza uwo mubiri, kugira ngo awukoreshe, kandi Atange impano. Ni nko kubyambura imbaraga rwose, noneho Umwuka Wera ugafata ubuyobozi. Noneho, iyo Asobanuye cyangwa Akababwira icyo mwakoze, igitumye muri aha, cyangwa ikintu runaka kuri mwe, muri bubyizere. N'abari muri sale bazizera? Umwami Mana abitange.

80 Noneho, ndafata buri mwuka uri aha munsi y'ubuyobozi bwanjye ku bw'icyubahiro cy'Imana. Noneho, mugume mutuze. Ntimwimuke.

Murebe aha, rwose akanya gato. "Mundebe", nk'uko Petero na Yohana bavuze, barenga urugi. Mu

yandi magambo, mwitondere rwose ibyo mvuga. Murabona?

Yesu yabajije umugore ibibazo runaka. “Mpa amazi yo kunywa.”

Murebe, nabwirije ikintu kimwe. Data yantumye aha i Baton Rouge. Dore ndahari.

Data yavuze ko byari ngombwa ko Anyura i Samariya. Yari yicaye aho. Umugore yabaye umuntu wa mbere waje hafi Ye. Yasohoje icyo kimenyetso kimwe gusa kuri uwo mugore noneho umujyi wose urihana. Ni kangahe bitandukanye n'ibyo. . .

Muratekereza ko Akoze ikintu nk'icyo uyu mugoroba, mutekereza ko Baton Rouge yose yakwihana? Ndabishidikanyaho, si byo? Nta gushidikanya ko mbishidikanyaho. Ariko turi mu minsi ya nyuma, aho ikibi kiruta cyane icyo tutigeze tumenya mbere.

81 Noneho, icyo murwaye. . . Muri hano kugira ngo tubasengere. Ni byo rwose. Murwaye umuhogo. Niba ari byo, muzamure ikiganza. Si ibyo gusa, ahubwo muri gusengera undi muntu, ni umwana; kandi uwo mwana arwaye umuhogo. Kandi ni uburwayi bw'abana bw'umuhogo, ikibyimba ku muhogo. Mwizera ko Imana izamukiza nawe? Uwo muswaro mufite mu ntoki, mwazamuye ku Mana nk'ikimenyetso cy'ubuhamya, ntimubishidikanyeho noneho. Mugende noneho murambike uwo muswaro ku mwana. Ntimushidikanye, n'umutima wanyu wose. Imana izabakiza mwembi babiri kandi izabaha ubuzima bwiza. Mushobora kubikora? Mugende noneho, kandi Umwami abane namwe. Umugoroba mwiza. Kandi ntituziranye.

82 Murizera? Ni ibyo ikimenyetso. Noneho, Ijwi, ni “Mugaruke ku Ijambo!”

Simbazi; We arabazi. Nambwira ikintu runaka kuri mwe, muri bwizere noneho ko iryo Jambo navuze riri buhamirizwe? Ni gihamya cy'Ibyo. Murabona? Navuze ko Yamaze kubikora; ibyo, ni uguhanura. Noneho, niba ubuhanuzi busohora, Yaravuze rwose ati “Muzabyumve.”

Murwaye imitsi ku rwego rwo hejuru cyane. Kandi mufite ikibyimba, kiri ku kuguru. Ni byo, si byo? Murizeye noneho? Mukomeze rwose inzira yanyu kandi mwizere. Kandi, bibabere nk'uko mubyizeye.

83 Umugoroba mwiza. Simbazi, ariko nta gushidikanya Imana irabazi. Mwizera ko Imana ishobora kumpishurira ibibazo byanyu? Mundebe. Mufite ibibazo. Ariko mu by'ukuri, muhagaze aha ku bw'undi muntu, kandi ni umuntu mwakuranye. Ni umuvandimwe. Ni byo. Noneho, mwizera ko Imana ishobora kumbwira ikitagenda ku muvandimwe wanyu? Murabyemera? Arwaye umutima. Ni byo. Mwizera ko ari bukire noneho? Ubwo, bibabere nk'uko mubyizeye.

Muze, madamu. Imana ishoboye kumpishurira ikibazo cyanyu, icyo mwakoze, cyangwa ikintu nk'icyo, ibyo biratuma mwizera? Muzi ko ndi... Simbazi. Byaba ari ibimuranga byigaragaza muri njye, bijyanye n'Ijambo Yasezeranije. Murabyizera?

Ikindi kintu mwa. . . Mufite ibibazo ko umugore w'urungano rwanyu ashobora kugira, ariko ikibazo cyanyu cy'ingenzi, ni ku bw'undi muntu. Ikifuzo cyanyu imbere y'Imana, murashaka Imana, atari ukubera mwe ubwanyu, ahubwo ku bw'undi muntu, ni umugabo. Ni umugabo wanyu. Kandi arwaye umutima. Mwizera ko Aza. . . ko Imana izamukiza? Mugende, mubyizere. Kandi, bibabere nk'uko mubyizeye.

84 Noneho, murebe, ikibwiriza cyose, mu gihe cy'iyi saha nabwirije, Ibyo, sinzi igihe byamaze, abantu batatu cyangwa bane banyuzeho, ni mu buryo bugoranye niba nshobora guhagarara aha ubu. Murabona? Murebe, rwose ikivunge cyose kimeze nk'icyahindutse icyonka, aha. Murabona? Yesu yaravuze ati “Imbaraga yansohotsemo.” Kandi umugore umwe gusa, igihe yakoraga ku mwenda We, yasohoye muri We imbaraga, kandi We yari Umwana w'Imana, byagenda gute kuri njye, umunyabyaha wakijijwe n'ubuntu Bwe?

Yaravuze ati “Muzakora namwe imirimo Nkora. Muzakora myinshi.” Nzi ko King James avuga ikomeye cyane. Ariko nimufata insobanuro y'umwimerere, haravuga hati “Muzakora myinshi.” Nta muntu ushobora gukora ikomeye cyane. Yazutse mu bapfuye, Yahagaritse umugezi wo mu bidukikije, Yakoze ibintu byose. Ariko Yaravuze ati “Muzakora myinshi, kuko Ngiye kwa Data.” “Isi ntizongera kumbona ukundi; ariko mwe, muzambona, kuko Na. . .” Murebe “Njye”, Njye-Njye, ni insimburazina. “Nzabana namwe, ndetse muri mwe.” Ni ukuvuga ngo, si umuntu. Ni Krisitu.

85 Ndabivuga kugira ngo nduhuke gake, nduhuke gake. Nyuma y'igihe, mugera ku. . . si mu gihe turi aho hejuru, cyangwa aha hasi; ni igihe twinjiye turi babiri. Ni bangahe babyumva? Nzi ko mutekereza ko mwumva. Nanjye ni uko.

Muzi rwose ko abasizi n'abahanuzi bafatwa buri gihe nk'abataye umutwe? Ni bangahe babizi?

Ni bangahe basomye William Cowper, umusizi ukomeye w'umwongereza? Murabizi, uwanditse ngo Hari umugezi w'Amaraso yaturutse mu mitsi ya Emanweli. Igihe yamaraga kwandika iyo ndirimbo, mwamenya ibyamubayeho? Nahagaze ku gituro cye nta gihe kirekire gishize. Yashatse kwiyahura, kwiroha mu

mugezi.

Ni bangahe bumvise bavuga Stephen Foster, uwahaye Amerika indirimbo ze nziza cyane zakunzwe? Yari abifite mu mutwe, ari ko si mu mutima. Buri nshuro yakubitwaga no gusigwa, yandikaga indirimbo. Nyuma, iyo gusigwa byamuvagaho, nta kintu yabaga azi yakora ubwe kandi yataga umutwe. Yarasindaga. Noneho nyuma, iyo yatangiraga gusohoka muri uko gusigwa, yazanaga umugaragu, agafata urwembe noneho akiyahura. Ni byo.

86 Murebe Eliya, umuhanuzi. Yazamutse aho, amanura umuriro wo mu ijuru; yamanuye imvura yo mu ijuru umunsi wa mbere; yafunze ijuru kandi yakoze ibyo byose. Nyuma, igihe gusigwa kwamuvagaho, yajyiye mu butayu kandi yashakaga gupfa. Kandi Imana yarongeye iramubona, nyuma y'iminsi mirongo ine, avuye mu buvumo. Ese ni byo?

Murebe Yona, umuhanuzi. Amaze kuzana Ubutumwa bwe, yarazamutse yicara ku musozi, yasabye Imana kumureka akipfira. Yego, yego. "Reka umugaragu Wawe yigendere mu mahoro."

Abantu ntibabyumva. Oya, oya, ntimwumva. Nanjye ni uko, sinshobora kubisobanura, cyangwa undi muntu. Ntimushobora gusobanura Imana. Ntitwamenya Imana binyuze mu bushakashatsi bwa gihanga. Tumenya Imana mu kwizera. Turayizera. Ni gute mushobora gusobanura? Ni gute byaba na none kwizera? Tumenya Imana binyuze mu kwizera.

Itorero ntirizigera rimenya umubabaro, umunaniro, umurimo uvunanye, ibigeragezo, twahuye nabyo kugira ngo tubuzane, Ubutumwa. We arabizi. Ingororano yanjye ntiva ku bantu.

87 Murebe aha, madamu. Yego, vuba. Uwo mugore atwikiriwe n'igicucu cy'urupfu. Imana nitamusanga uwo mwanya, nshobora kubona. . . Ntimubona uwo mwijima uhagaze iruhande rwe? Azapfa, kimwe n'uko nta gushidikanya ko kabiri gukuba kabiri ari kane. Nta gihe kirekire gishize, bafashe ifoto y'ikintu nk'icyo, nkifite mu rugo. Hari igicucu cy'umukara kimanitse hejuru ye. Atwikiriwe n'igicucu cy'urupfu.

Umudamu muto yahawe ubutabazi bwo kubagwa. Kandi mu gihe cy'ubwo butabazi bwo kubagwa, bamubagaga kanseri; noneho ubu, afite ibibazo, ubwoko bwose bwa. . . noneho, habayeho ibibazo. Ikintu kimwe, ni uko mufite intege nke cyane ku buryo mudashobora guhaguruka. Ikindi kintu, uruhago ruvamo amashyira. Noneho, kugira ngo mubone ko ntavuga rwose inkuru. Murabona? Ni byo. Ariko, madamu, dogiteri yarageragej e. Ndabimushimira ku bw'ibyo. Kandi bwari ubufasha, ariko ni Imana ikiza. Muzapfa gutyo. Yakoze ibyo ashoboye byose. Murabyizera? [Mushiki wacu aravuga ati "Yego." Muze aha, rwose umunota umwe.

Ku bw'umurimo Imana Ishobora Byose yampaye, nahamirijwe na Marayika uri aha ubu mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro, nciriyeho iteka iyo dayimoni yambura ubuzima uwo mugore. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina. Mugende mwizeye ubu. N'umubiri wanyu wose, mwizere.

88 Murwaye indwara yica abantu benshi kurusha ikindi kintu cyose, indwara y'umutima. Dukeka ko ubwo ari bwo burwayi bwica nomero ya 1, ariko si ibyo, mugabo. Indwara yica nomero ya mbere ni icyaha. Mwizera ko Ashobora kubakiza uwo mutima kandi akabagarurira ubuzima? [Mwene Data aravuga ati "Nzi ko Abishobora." - N.D.E.] Mugende rwose kandi mubyizere. Imana ibahe umugisha.

Mutekereza ko Imana ishobora gukiza umugongo wanyu kandi ikabagarurira ubuzima? Mubyizeye n'umutima wanyu wose? Mugende, mubyizere, mushiki wacu. Mwitegereze ibibababaho, mujyiye gukira.

Ububabare bwo mu ngingo n'indwara y'umutima. Ariko mwizera ko Imana ishobora kubakiza? [Mushiki wacu aravuga ati "Yego." - N.D.E.] N'umutima wanyu wose? ["Yego, yego."] Muzabyemera? ["Yego, yego."] Bibabere nk'uko mubyizeye. Noneho, mugende, mubyizere n'umutima wanyu wose, kandi Imana izabakiza.

Namwe ndetse, murwaye umugongo. Mwizera ko Yesu Krisitu ashobora kubakiza? [Mushiki wacu aravuga ati "Yego, yego." - N.D.E.] Mugende rwose, mubyizere n'umutima wanyu wose. Sinshobora kubakiza, murebe.

Prostate, uburwayi bwo mu mutwe, kandi murwaye namwe ububabare bwo mu ngingo. Mwizera ko Imana ishobora kubagarurira ubuzima, kubakiza? Murabyemera? Mugende kandi mubyizere byose rwose.

89 Ibyo bibateza inshuro nyinshi kubura ibitotsi, inkorora. Ariko Imana ikiza asima. Murabyizera? Mwizera ko ibakijije ubu? Imana ibahe umugisha. Murakoze, ku bwo kwizera kwanyu.

Kandi iyo ntanababwira ijambo rimwe, nkabarambikaho gusa ibiganza, mwari kwizera? Muze aha. Mbarambitseho ibiganza, mu Izina rya Yesu Krisitu, kandi ububabare bwo mu ngingo bubaveho. Ibyo bigende.

Muze. Muze, mushiki wacu. Murizera? [Mushiki wacu aravuga ati "Yego, yego. Nakijijwe n'Umukiza w'uburwayi mbere." - N.D.E.] Noneho, birahebuje. ["Aleluya!"] Mugende rwose mufate ifunguro ryanyu

rya nimugoroba noneho, kandi igifu cyanyu kizakira.

Ububabare bwinshi bw'umugongo, ibyo hashize igihe kirekire bibabangamiye. Mugende mwizeye ko muri. . . Mugende mwizeye ko muzakira, kandi Imana izabikora ku bwanyu. [Mwene Data aravuga ati "Imana yabikoze. Amina." - N.D.E.] Amina. Ni ibyo. ["Icyubahiro kibe icy'Umwami!"] Umwami abahe umugisha, mwene Data. Amina.

Diyabeti, ntacyo iri cyo ku Mana, kuyikiza. Ishobora kuyikiza. Murabyizera? Byiza cyane. Mubyemere, mugende mumwizeye noneho n'umutima wose.

Namwe muyifite mu maraso yanyu. Mwizera ko Imana izabagarurira ubuzima? Mugende, mubyizere n'umutima wanyu wose kandi mukire.

90 Mwizeye ko Yabakijije igihe Byababakutaga? Yabikoze.

Uburwayi bw'abagore. Indwara y'umutima. Murabyizera? Mugende, mukire mu Izina rya Yesu.

Mwizera ko Imana iri bukize umugongo wanyu, ko impyiko zanyu zaza... Ibahe umugisha! Noneho mukomeze inzira yanyu. Si njye ukiza. Sinshobora gukiza. Si ndi umukiza.

Ni iki mwatekereje igihe Yavugaga ku mugongo we, mwizera ko n'uwanyu wakize? Byiza cyane, mugende rwose, mubyizeye, ubwo. . . Mutangire rwose kubyizera n'umutima wanyu wose.

N'uwanyu, mwizeye ko Imana ibakijije? Mugende, mubyizere n'umutima wanyu wose. Imana izabibaha niba mu. . . Mugomba mu buryo bwose kubyizera.

Mwizera ko Imana namwe izabakiza? [Mushiki wacu aravuga ati "Icyubahiro kibe icy'Umwami! Ndizera nta gushidikanya." - N.D.E.] Byiza cyane. Imana ibahe umugisha. Mukomeze kandi mwizere n'umutima wanyu wose.

Muze, mugabo. Ikijojoba cya kera cy'umweru kigwa. Ni ikimenyetso cya diyabeti. [Mwene Data aravuga ati "diyabeti." - N.D.E.] Mwizeye ko Izabakiza? Tujye i Karuvari ku bwo guhabwa amaraso ubu. Mu kwizera, mu Izina rya Yesu Krisitu, akire. Amina. Imana ibahe umugisha, mwene Data. Mwizere n'umutima wanyu wose. Murabyizera? ["Ni byo rwose."]

91 Bimeze gute kuri bamwe muri mwe muri sale ubu? Mwizeye n'umutima wanyu ko Yesu uko Yari ari ejo, ari ko ari uyu munsi n'iteka ryose? Murabyizera? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - N.D.E.]

Bimeze gute muri iki gipande aha? Uyu mudamu muto wicaye, uri kundeba, aho, urwaye uburwayi bw'abagore, mwizeye ko Imana izabakiza? Wambaye ikote ry'ubururu. Byiza cyane. Mwizere ubu, Yesu Krisitu arabakijije. Byoroshye nk'ibi.

Uwo mugore wicaye rwose inyuma yanyu, ufite imisatsi y'umukara; yavuze ati "Urakoze, Mwami." Ikintu cyamukubise. Ntiyari azi icyo ari cyo. Uburwayi bw'agasabo k'indurwe bwakize, mwe mwicaye aho neza, neza inyuma y'umudamu umaze gukira uyu mwanya. Mwizere n'umutima wanyu wose, aho, madamu. Murizera? Byiza cyane, muzamure ikiganza niba mushaka kubyemera. Imana irabakijije. Bimeze gute kuri ibi aha, umuntu uri aha?

92 Aho inyuma, muri sale, noneho, mwubahe cyane. Ntimunyeganyege. Murebe, izo ndwara zirava ku muntu umwe zijya ku wundi. Bimeze gute kuri mwe, mugabo? Uyu mugabo ukuze mu myaka, wicaye aha mu ntebe? Murizera? Mwizera ko Imana ishobora kubakiza? Ububabare bwo mu ngingo, kandi murwaye indwara y'ubuhumecyero. Mwizeye ko Imana izabikiza? Murizera? Byiza cyane, mushobora kubona icyo mwasabye. "Ushoboye kwizera!"

Ni iki mutekereza, madamu, wicaye iruhande rwe? Namwe murizera? Murizera? Mwizera ko Imana ishobora kumpishurira uburwayi bwanyu? Muri kure yanjye. Mumwizere gusa ubu. Mwizera ko nababwiye Ukuri? Noneho, umuvuduko w'amaraso wanyu uzamanuka. Murabyizera?

Namwe mwazamuye ikiganza. Muragerageza kumushyigikira. Mwizeye ko Imana ishobora kumbwira icyo. . . Mwabaye beza cyane mukumufasha, noneho, Imana izabahamiriza ubugwaneza ibafasha. Mufite ikibazo cy'umwuka, kibabuza amahoro. Niba ari byo, bigaragarishe ikiganza gutya. Ibyo bizarangira noneho. Irabirangije.

93 Ni bangahe bizera? Ni bangahe muri mwe bemera. . . abatari abakirisitu, batekereza ko Yesu Krisitu ari aha ubu, ni bande bakwemera guhaguruka ubu kandi bakavuga bati "Yesu, ndashaka kwigaragaza nk'umunyabyaha, Wakwemera kumbabarira ibyaha byanjye?" Muhaguruke. Imana ibahe umugisha, mugabo. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Ni. . . Imana ibahe umugisha mwe, mwe, mwe. Ibi, Irababona. Yandika izina ryanyu iyo mubikoze.

Aha ku ruhimbi, muhaguruke, muvuge muti "Mwami Yesu, Ndashaka - ndashaka kugaragara. Ndasaba

imbabazi ku bw'ubugingo bwanjye." Imana ibahe umugisha, mugabo. "Ndasaba imbabazi, Mwami Yesu."

Ntimubona, nshuti, ko ari We aha? Imana ibahe umugisha mugabo muto. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha, mudamu muto. Ni igikorwa cyiyubashye cyane mwigeze mukora. Noneho, reka undi muntu utabikoze ahaguruke kandi avuge ati "Ndashaka kugaragara, Mwami Yesu. Ndigaragaza ubwanjye uyu mugoroba."

"Uzatura icyaha cye azabona imbabazi. Uhisha icyaha cye ntazatera imbere."

Mujyiye kubikora, mu Bwiza Bwe? Imana ibahe umugisha, madamu. Ndashaka. . . Imana ibahe umugisha, mugabo. Imana ibahe umugisha, madamu. Umwami abahe umugisha.

Muzavuga muti "Ibyo bihagarariye ikintu?" Ni ikibazo cy'ubuzima cyangwa urupfu, ngiryo itandukaniro.

Murabona Ubwiza Bwe aha? Murabibona? Murabyumva? Murebe, murabibona, murabibona ku murimo. Ni We. Ni byo neza Yavuze ko Azakora. Murabyizera?

94 Undi muntu uvuga ati "Ndashaka kwigaragaza nk'umunyabyaha, Mwami. Mbabarira ibyaha byanjye ubu." Niba mwamaze guhagarara, muzamure gusa ikiganza. Bamwe muri mwe iruhande rw'inkuta, muzamure. . . Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Undi muntu uvuga ati, aho ku ruhimbi, inyuma, uvuga ati "Ndashaka kugaragara, Mwami Yesu. Ndasaba imbabazi uyu mugoroba mu Bwiza Bwawe bwa kimana, nizeye ko Imana ubwayo izancira urubanza, Ubwiza Bwayo buri aha ubu. Izi ko Ivugisha umutima wanjye kandi imbwira ko ndi mu ikosa. Ndashaka guhagarara kandi nkavuga ko ndi mu ikosa. Natuye amakosa yanjye. Urancira urubanza mu mutima wanjye." Ni yo mpamvu, nahagaritse umurongo w'amasengesho. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha.

Kubera iki, uko mubyumva, nabihagaritse? Nabihagaritse kubera ko nari nzi ko ibyo byagombaga kuba.

Noneho, hari abandi aha, ntimushaka guhaguruka? Muhaguruke muvuge ko Ikintu Runaka kivugisha umutima wanyu, ko muri mu ikosa. Imana ibahe umugisha, mugabo. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe uugisha. Imana ibahe umugisha. "Ndi mu ikosa. Mbabarira, Mwami. Ndigaragaje ubwanjye. Ndahagurutse, Mwami, mu Bwiza Bwawe. Nzi ko Uri aha. Na. . . Ugomba kuba aha. Wavuze ko ari byo Uzakora. Noneho, na. . . Ndabona ikimenyetso, kandi nzi ko nagisobanuriwe, ko ari cyo kigomba kuba ikimenyetso cy'uyu munsi. Ndumva Ijwi ryahamagariye kwihana. Dore ndahari, Mwami. Nizera ikimenyetso. Ndumva Ijwi.

95 Ijwi riri kubavugisha ubu! Mugaruke, o mwe abatatanye! Garuka, o wowe, inyenyeri ya kibonumwe! Mugaruke, o mwe wamwajugunywe! Mugaruke, uyu mugoroba! Ntimushaka kugaruka? Nimuhagarare gusa noneho muvuge muti "Ngaragaye nk'umunyabyaha, nsabye imbabazi." Murashaka kubikora, undi muntu? Imana ibahe umugisha, madamu. Imana ibahe umugisha, mwe aho hejuru, muhungu. Niba ntababona, We ntazabura kubabona. Imana ibahe umugisha, madamu. Ni byiza cyane. Ni byiza cyane. Undi muntu? Mukomeze gusa. . . Ndashaka gutinda umunota umwe w'inyongera, kuko nkomeje kumva umutwaro muto aha, murebe. Undi muntu? Imana ibahe umugisha, madamu. Ni gutyo bikwiye gukora. Ni ibyo.

Undi muntu "Ndashaka kugaragara, rwose guhaguruka nkavuga ko ndi mu ikosa. Nsabye imbabazi"? Murashaka kubikora? Vuba cyane mbere yuko tujya kure cyane, muhaguruke muvuge muti "Ndashaka kugaragara, Mwami Yesu." Imana ibahe umugisha, mudamu uciye bugufi.

96 Murabizi, wenda mbere yo kugera iwanyu, inshuro zose igihe runaka cyangwa ikindi, muzahura n'ibihu bikonje mu maso. Wenda, igitondo kimwe, umuganga azaza, azumva gutera ku imitsi kuzamuka mu myenda yanyu, nta kintu kizashobora gukorwa. Noneho, muzumva iyo mihengeri ikonje y'urupfu ibaca mu maso. Muzibuka ibyo mwakoze.

Mwibuke, ntibashobora kubahamba ikuzimu cyane, nta kintu bashobora kubakorera. Imana yarasezeranyije iti "Nzabazura ku munsi wa nyuma." Mwumve "Umva Amagambo Yanjye kandi akizera Uwantumye afite Ubugingo bw'Iteka; ntazaca mu rubanza, ahubwo yanyuze mu rupfu ajya mu Bugingo." Umuntu nabihanagure niba yabishobora. Yesu Krisitu yarabivuze ati "Unyizera, ni ukuvuga wumva Ijambo Ryanjye kandi akizera Uwantumye, afite Ubugingo bw'Iteka; ntazaca mu rubanza, mu gucibwaho iteka, ahubwo yanyuze mu rupfu ajya mu Bugingo." Mu by'ukuri, yizeye Umwana w'Imana w'ikinege, Imana yazuye hashize imyaka ibihumbi bibiri, kandi muzima aha uyu mugoroba, agaragaza ishusho Ye yo kuzuka Kwe.

97 Haba hari undi wahaguruka nyuma y'ibyo, undi, ngo avuge ati "Ndashaka kubyemera. Ndashaka kubyemera." Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Ni byiza cyane, mugore muto. Ni igikorwa cy'ubutwari. Ndashaka kubibereka.

Hashizi igihe runaka, nitegereje umuhamagaro ku giciniro, abantu bazaga imbere bahekenya shikarete, bakubitana ibipfunsi.

Ariko mwabonye ubushizi bw'amanga mu maso y'aba bantu? Aba bagore bakiri bato, ndetse na

nyuma yuko mbaciriyeho iteka ku bw'imisatsi yogoshe, kwisiga; ku bw'ibyo bikorwa byo kwishushanya, imisatsi yogoshe, nabo bahagurutse ngo bavuge bati "Ndi umunyabyaha kazi. Ngirira impuhwe, o Mana." Ni Imbuto ziryamye aho. Umucyo wamuritse hejuru, kandi babibonye. Imana ibahe umugisha.

Twubike umutwe noneho.

Ndashaka ko buri mwizera aha, wegereye umuntu wahagurutse, arambika ikiganza (murabishaka?) ku muntu uhagaze. Bahagaze irihande rwanyu. Niba muri abakirisitu, murambike ikiganza kuri mushiki wacu, mwene Data muti "Ndambitse ikiganza cyanjye kuri wowe ubu. Ngiye gusenga."

98 Data wo mu ijuru, uyu mugoroba aha hari abakwizera. "Igice cy'imbuto yaguye impande z'inzira, Waravuze uti, inyoni zaraje noneho zirayitwara. Igice kigwa mu mabuye, n'ikindi gice, mu mahwa n'imishubi. Ariko ikindi gice cyaguye mu butaka bwera." Kandi Ubwiza Bwawe buri aha uyu mugoroba, Bwemeje abantu benshi aha uyu mugoroba, ko Uri Umwana w'Imana, ko Uri muzima iteka n'iteka. Kandi Wasezeranyije ko ubwo Uriho, natwe dushobora kubaho.

Mwami Yesu, bahagurutse kandi bahagaze nk'ikimenyetso cyo guhamya ko bakwizeye. Noneho, Mwami, nzi ko Uzajya ku ruhande rwabo kuri uwo munsi. Bitange Mwami. Ndabaguhaye, mu Izina rya Yesu Krisitu. Bajye mu itorero ryiza kandi babatizwe umubatizo wa gikirisitu. Bifatanye n'itsinda ryiza ry'abizera. Buzure Umwuka Wera. Babe itsinzi y'Ubutumwa Bwiza, umutako w'ikamba Ryawe kuri uwo Munsi. Wenda ntongeye kubabona kuri uru ruhande ku Munsi uhebuje, nzashobora kubabona kuri wa Munsi. Kimwe nko mu iyerekwa, bazavuga bati "Ntimunyibuka? Byari i Baton Rouge, wa mugoroba, igihe nari mpagaze." Bitange, Data. Ni abawe, mu Izina rya Yesu Krisitu.

99 Aha hari, imbere yanjye, ipaki y'imiswaro, inkweto ntoya, amasogisi, imiswaro, imyenda, n'ibitambaro. Bibiliya itubwira ko batwaye imiswaro n'ibitambaro byakoze ku mubiri wa mutagatifu Pawulo kandi imyuka mibi yavaga ku bantu. Noneho, Data, tuzi ko tutari mutagatifu Pawulo, ariko Uhora Uri Imana imwe, ndagusaba rwose gutanga ibisubizo bisa, nk'uko iki gisekuru kizera mu kuri kose. Abantu ntibizeraga Pawulo kubera ko yari Pawulo. Bizeraga Pawulo kubera ko Wari Uri muri Pawulo. Ubu, bizera ikintu kimwe uyu mugoroba, Mwami, ko Wigaragaje muri twe uyu mugoroba. Kandi umunsi umwe, tuvuga ko i. . .

Umwanditsi umwe yatubwiye ko Israel yari mu rugendo igana ku Butaka bwasezeranyijwe, kandi inyanja yari iteje imbogamizi yamufungiraga inzira igana mu Butaka bwasezeranyijwe. Umwanditse yavuze ko "Imana yarebye hasi inyuze muri iyo Nkingi y'Umuriro, n'indoro y'umujinya, mu gihe Yagendaga hejuru ya Israel. Ibyo byateje ubuhumyi, umwijima ku batizera, noneho bitanga umucyo kuri Israel. Kandi nk'uko inyanja Itukura yari imbogamizi, yagize ubwoba, yasubiye inyuma, noneho Israel yambuka ahantu humye igana ku Butaka bwasezeranyijwe."

Mwami Mani, manura kureba Kwawe uyu mugoroba unyuze mu Maraso ya Yesu Krisitu, Umwana Wawe. Mu gihe ndambitse ibiganza byanjye kuri iyi miswaro, igihe izashyirwa ku barwayi, Umwuka Wera, Mwami, uzarebe uwo muntu, indwara igende, kandi abantu bambuke bagana ku Butaka bw'umubiri mwiza kandi bufite imbaraga. Kuko Bibiliya ivuga ko "Hejuru ya byose", twifuzaga ko "twakwerera mu butaka bwiza." Bitange, Mwami. Ndayohereje, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

. . . nzakurikira,

Aho Azonyobora. . . (Turirimbe gusa). . . nzakurikira,

Nzajyana na We (Noneho, Ubwiza Bwe buri aha, tumuramye mu ndirimbo, twitonze), ahantu hose.

100 Mushobora mu by'ukuri kuyiririmba gutyo?

Aho Azanyobora, nzamukurikira,

Aho Azanyobora, nzamukurikira,

Aho Azanyobora, Nzamukurikira,

Nzajyana na We (Niba mubishaka, muzamure noneho ikiganza), na We ahantu hose.

Duhaguruke noneho, twongere tuzamure ibiganza.

Hamwe na We mu busitani,

Umuntu wese, muririmbire mu Mwuka ubu. Ubutumwa butyaye cyane.

Tumuramye, mu Bwiza Bwe. Akunda kuramywa.

. . . ubusitani,

Nzajyana na We mu busitani,

Nzajyana na We, na We ahantu hose.

Noneho, tuyiririmbire mu menyo. Nshobora. . . Noneho, mugihe muri gukora ibyo, ndashaka ko mwafata ikiganza umuntu, muvuga muti “Imana ibahe umugisha, mugenzi. Imana ibahe umugisha, mugenzi”, gutyo. Turi hagati yacu. Abametodisiti, abatisita, abaperesebiteriyeni, abapantekote, twese dufatane ikiganza. “Imana ibahe umugisha, mugenzi.” Ni cyo turi cyo: Abagenzi.

. . . ubusitani.

Imana ibahe umugisha, mugenzi. Imana ibahe umugisha [Mwene Data n'iteraniro bakomeza gufatana ikiganza. Umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.E.] . . .

. . . ubusitani.

Noneho, tuzamure ibiganza.

Nzajyana na We, hamwe na We ahantu hose.

101 Twubike umutwe, duciye bugufi, mu isengesho. Ntimwibagirwe, mu gitondo, ishuli ryo ku cyumweru.

Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ndumva neza ko Ubwiza bw'Imana ari nyakuri cyane mu mutima. Mu by'ukuri birakomeye cyane kuri njye kuva aha uyu mugoroba, sinzi ukuntu bimeze cyane. Ndumva ko Umwuka Wera wanyuzwe uyu mugoroba. Nta gushidikanya tuzagira iteraniro rikomeye ejo, tubona abantu baza kuri Krisitu, murabona. Hari umuntu wibazaga impamvu ntigeze mpamagara ku ruhimbi. Ntegereza kuyoborwa kubikora. Murabona?

Nizeye ko uwazamuye ikiganza wese, cyangwa wahagurutse, nizeye ko azaba ari mu rusengero rwiza ejo, azafata umwanya we mu bizera.

Mu gihe imitwe yacu yunamye, ngiye gusaba umushumba aha kwigira imbere, niba abishaka, kugira ngo adusezerere. Imana ibahe umugisha ubu, hamwe n'imitwe yacu n'imitima yacu yunamye imbere y'Imana.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7